

RUTAZIBWA Bernard

1 0  
52P

UMUVUGO

10 Février 1957

UMUSHINGA W'UBURERE MBONERA  
GIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA  
UBWIZERANE N'UBWIYUNGE  
BW'ABANYARWANDA.

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA MU MASHURI  
YISUMBUYE YO MU RWANDA.

Nyuma y'amarorerwa yabaye mu Rwanda muri Mata-Nyakanga 1994, ni ngombwa ku buri Munyarwanda, mu rwego arimo, yatanga ibitekerezo bye ku cyakorwa kugirango Abanyarwanda bongere babane neza.

Ni muri urwo rwego rero, Umushinga utegura inyigisho y'Umuco w'Amahoro, ubifashijwemo n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD) wateguye irushanwa ryo KUVUGA NEZA (Tournoi d'Eloquence) mu mashuri yisumbuye. Interuro y'iryo rushanwa ni "ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA".

AMABWIRIZA AZAGENGA IRUSHANWA

INGINGO YA MBERE.

Iri rushanwa ryagenewe abanyeshuri bose bo mu mashuri yisumbuye kuva ku mwaka wa kane kujyana hejuru.

INGINGO YA KABIRI.

Irushanwa rizakorwa mu nzego eshatu :

- 1°) Mu rwego rwa mbere irushanwa rizabera kuri buri kigo cy'ishuri ryisumbuye
- 2°) Mu rwego rwa kabiri abazaba batsinze mu rwego rwa mbere bazahurizwa mu rwego rw'ifasi
- 3°) Abazaba batsinze mu rwego rw'ifasi bazarushanwa mu rwego rw'igihugu.

INGINGO YA GATATU

Utunama dushinzwe ijongora tuzaba tugizwe n'aba bakurikira :

- a) Mu rwego rw'ibigo by'amashuri yisumbuye, ni abarimu bane kuri buri kigo bazaba batoranyijwe n'umuyobozi wacyo.
- b) Mu rwego rw'ifasi bazaba ari abantu batatu batanzwe n'umugenzuzi w'ifasi, n'undi umwe uzatangwa n'umushinga.
- c) Mu rwego rw'igihugu, ako kanama kazaba kagizwe n'abantu icumi bazashyirwaho n'umushinga.

### INGINGO YA KANE

Umushinga uzabanza gusobanurira abagize utunama dushinzwe ijonzora amabwiriza arigenga.

### INGINGO YA GATANU

Mu rwego rwa mbere hazafatwa <sup>ibiri</sup> batatu bambere ; mu rwa kabiri, babiri ba mbere naho mu rwego rwa gatatu ari narwo rwa nyuma hazatoranywa cumi na babiri (12) ba mbere. Abo nibo bazegukana ibihembo byateganijwe.

### INGINGO YA GATANDATU

Ibihembo bizatangwa ku buryo bukurikira :

- uwa mbere :	200.000 F
- uwa kabiri :	180.000 F
- uwa gatatu :	160.000 F
- uwa kane :	140.000 F
- uwa gatanu :	120.000 F
- uwa gatandatu :	100.000 F
- uwa karindwi :	90.000 F
- uwa munani :	80.000 F
- uwa cyenda :	70.000 F
- uwa cumi :	60.000 F
- uwa cumi n'umwe :	55.000 F
- uwa cumi na babiri :	50.000 F

INGINGO YA KARINDWI.

Abarushanwa bagomba gutegura inyandiko irambuye (hagati y'amapaje atanu n'umunani) yerekana icyakorwa n'inzira Abanyarwanda banyuramo ngo bongere babane neza. Iyo nyandiko izakorwa mu rurimi rw'i Kinyarwanda kandi igomba kuba yandikishije imashini.

INGINGO YA MUNANI.

Iyo nyandiko igomba kuba ari umwimerere. Ni ukuvuga ko abanyeshuri bagomba kwirinda kwandukura izindi nyandiko zanditswe ku nteruro y'iri rushanwa cyangwa gukorerwa n'abandi bantu abo aribo bose.

INGINGO YA CYENDA.

Abazarushanwa bazahabwa igihe cy'ukwezi cyo gutegura inyandiko yabo.

INGINGO YA CUMI.

Abazaba batsinze mu rwego rw'igihugu bazabimenyeshwa hakoreshejwe radio n'ibinyamakuru, amazina yabo kandi azamanikwa kuri buri biro by'ubugenzuzi bw'ifasi.


INGINGO YA CUMI N'IMWE.

Inyandiko zizaba zatsinze zizahita ziba umutungo bwite w'abakoresheje irushanwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10 Gashyantare 1997

Umuhuzabikorwa w'Umushinga "UBURERE:  
MBONERA GIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA  
UBWIZERANE N'UBWIYUNGE  
BW'ABANYARWANDA"

Bernardin RUTAZIBWA.



uburinganire n'igihe kubaha uburenganzira bw'ikiremwa muntu byimirijwe imbere maze gukoresha ingufu bikavaho. Amahoro ashaka kuvuga inzira zose zikurikizwa kugira ngo amahoro agerweho no kugabanya ibintu byose byangiza ubuzima kandi bikazana amakimbirane. Ayo mahoro arangwa n'ubushake bwo kugera ku ubutabera mu bukungu no mu mibereho myiza y'abaturage, kurwanya ubukene n'ivangura, no kwita ku bidukikije.

**Intambara imunga imibereho:** Ni intambara n'amakimbirane bitagaraga, byihishe, kandi bitahuranyije. Ni intambara yica mu buryo bwinshi: intambara y'ubukene, amoko, igitsina, no kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Ubusobanuro umwanditsi umwe mu rwego rw'uburere bugamije amahoro yavuzeko: "Intambara imunga imibereho ari ingaruka iva ku mibereho y'abaturage isumbana ituma bamwe bagira imyanya ibahesha inyungu n'ubushobozi mu gihe abandi batagera ku byiza by'igihugu bafitiye uburenganzira."

**Isano iri hagati y'amahoro n'ibindi bibazo:** Gusobanukirwa n'amakimbirane, gukemura amakimbirane, n'amahoro byashoboka umuntu amenye umwanya w'ibindi bibazo biri ku isi. Urugero, n'uko amahoro afitanye isano n'ubutabera mu baturage, ku birebana n'iby dukeneye by'ibanze. Dukeneye aho kubaha heza, imiti, amashuri, ubukungu bwifashe neza. Igihe ibyo bitagezweho nt'amahoro dushobora kubona. Amahoro agerwaho ari uko umuntu yumvise uruhare rw'amashusho n'ibitekerezo byacu. Ibyo dukeka ku bandi bituma itandukaniro mu muntu rikomera, kandi kenshi bigabanya agaciro umuntu akwiye. Ibyo bigashaka kuvugako abantu "batandukanye" n'abandi baba bafite agaciro gacye; bashobora gufatwa nk' "abanzi"; ubwo hakaboneka ibyiciro by'abantu bahanganye n'amakimbiri n'intambara.

## **2. INTEGO YO KWIGISHA AMAHORO NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE**

Impamvu z'ingenzi mu kwigisha amahoro ni ukumenya uburyo amakimbirane akemurwa, kwirinda intambara n'amakimbirane, no guharanira ubutabera mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Ibyo bigaragarira mu bumenyi, ubushobozi n'imyifatire umunyeshuri yiga cyangwa yimenyereza.

### **a. Ubumenyi**

- \* Kumenya amakimbirane y'amoko yose (ibintu, ibiyumviro, ibitekerezo), impamvu amakimbirane abaho, n'ingaruka zayo;
- \* Kumvako amakimbirane ashobora gukemurwa mu nzira nyinshi, intambara ikaba imwe muri zo;
- \* Kumenya uburyo bwinshi bukoreshwa mu gukemura amakimbirane (urugero: guhuza abashyamiranye, gushyikirana, kugira inama abashyamiranye...)
- \* Kumvako amahoro arimo ubwoko bwinshi: umutekano, amahoro arangwa n'ubutabera, uburinganire n'ubukungu) n'amahoro aboneka nyuma y'imirwano.

### **b. Ubushobozi**

- \* Gushobora gukemura amakimbirane mu mahoro: gushaka inzira nyinshi zishoboka kugira ngo amahoro agerweho, gufata ibyemezo, kumvikana, gufashanya;
- \* Gushaka ukuntu ubwo bushobozi bwashyirwa mu bikorwa mu mibereho y'umuntu ku giti cye no mu mibanire ye n'abandi.

### III. INTEGO ZIHARIYE

Objectifs Spécifiques

#### Ubumenyi

1. **Amakimbirane:** Abanyeshuri bagomba kwiga amakimbirane yabaye mu mateka y'isi n'amakimbirane ariho ubu maze bakagerageza kuyakemura. Bagomba na none gushaka inzira zose zashoboka bakemuramo ayo makimbirane mu mahoro.

2. **Amahoro:** Abanyeshuri bagomba gusuzuma amagambo anyuranye n'ingero z'amahoro.. Bagomba kwiga abantu, ibyiciro, imiryango iharanira amahoro, harimo n'Umuryangow' Abibumbye n'amashami yawo.

3. **Ubutabera:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo by'ubutabera mu nzego zose: bahereye ku umuntu ku gite cye, ishuri, akarere, igihugu n'isi. Bagomba kwimenyereza kumva impamvu habaho imirwano n'uburyo bwo gushaka amahoro. Bagomba kwiga ibyabaye, ibyiciro n'imiryango iharanira ubutabera n'uburenganzira bw'ikiremwaumuntu.

4. **Ubutegetsi:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo birebana n'ubutegetsi n'uburyo bugira icyo butwara imibereho y'abaturage. Bagomba kwiga ukuntu abantu n'udutsiko twakoreheje ubutegetsi mu buzima bwabo n'ukuntu bagana inzira ya demokarasi.

5. **Imihindukire y'imibereho y'abaturage:** Abanyeshuri bagomba kwiga uburyo imibereho y'abaturage ihinduka. Bagomba kumva ukuntu abaturage bagumana ibyo babona ari byiza kandi bagahindura ibyo badashaka.

6. **Igitsina:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo birebana n'ivangura rishingiye ku gitsina. Bagomba kumva uko ibyo bibazo byagiye biza mu mateka y'isi n'ukuntu ivangura rishingiye ku gitsina ridindiza amajyambere y'imibereho myiza, kandi bagomba kwiga icyo bazakora mu gihe kizaza.

7. **Amoko:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo birebana n'ivangura rishingiye ku moko. Bagomba kumva uko ibyo bibazo byatangiyeye mu mateka y'isi, kandi bakareba uburyo ivangura ry'amoko rikomeza gukurura inzangano n'imirwano, maze bakiga icya korwa mu gihe kizaza.

#### IKORANABUHANGA

Uburere bugamije amahoro bugomba guha abanyeshuri ubushobozi mu ibi bikurikira:

1. **Gutekereza neza:** Abanyeshuri bagomba gushobora kumva ibibazo bakoresheje ibitekerezo bizima kandi bagomba kugira ubushake bwo guhindura ibitekerezo mu gihe bibaye ngombwa. Na none bagomba kumenya no kurwanya ibitekerezo bishaje n'ababashuka.

2. **Gufashanya:** Abanyeshuri bagomba kumenya akamaro ko gukorera hamwe kugira ngo bagere ku ntego imwe.

3. **Gushyikirana:** Abanyeshuri bagomba kumenya gushyikirana neza no mu kuri, birinda

imirwano ibuza abantu uburenganzira bwabo kandi na none batiyicariye

**4. Gukemura amakimbirane:** Abanyeshuri bagomba gushobora gusesengura amakimbirane mu buryo buhamye kandi bagatanga ibyifuzo by'ukuntu yakemurwa. Aho bishoboka bagomba gutanga ibisubizo byabo ubwa bo.

### **AGACIRO**

Uburere bugamije amahoro bugomba guha umunyeshuri uburyo bwo gusesengura, gusobanura, gutekereza no kwakira ibintu byiza byose:

**1. Kwiubaha:** Abanyeshuri bagomba kumva agaciro kabo no kugira ishema ry'aho batuye, umuco wabo n'umuryango wabo.

**2. Kubaha abandi:** Abanyeshuri bagomba kumva agaciro k'abandi, cyane cyane agaciro k'abo badahuje akarere, umuco, idini, ishyamba rya politiki, igitsina, ibara, n' ubwoko.

**3. Gufata no kubaha ibidukikije:** Abanyeshuri bagomba kubaha ibidukikije. Bagomba kumenya inshingano zabo ku byerekeye ibidukikije bya hafi. Bagomba na none kumva inshingano abashakanye bafite

**4. Ibitekerezo bizima:** Abanyeshuri bagomba kugira ubushake bwo kumenya inkuru, abantu n'ibibera ku isi, bakoresheje ubwenge bushungura kandi bafite ibitekerezo bizima.

**5. Kugira inshingano:** Abanyeshuri bagomba kumenya amabwiriza ya demokarasi no guharanira ubutabera, umutekano, amahoro mu isi, bahereye iwabo bakageza mu mahanga.

## IV. INYIGISHO Z'IGIHUGU

### 1. KUMENYA AGACIRO KAWE

Umuntu uzi agaciro ke kandi akamenya ibintu ashoboye gukora, azarushaho kwita ku inshingano ze, kwiteza imbere we ubwe no guteza imbere igihugu n'abaturage bacyo.

Iyaba twese twasaga rwose, habayeho amakimbirane macye mu buzima bwacu. Ariko buri muntu afite uko yaremwe kumutandukanya n'undi. Ntiturota kimwe, ntitwifuza bimwe, kandi ntidutekereza kimwe; tuva mu miryango n'amoko atandukanye; twagize imibereho itandukanye; mu buzima dushaka ibintu bitandukanye.

Kubera iryo tandukaniro, birashobokako umuntu ahura n'ibibazo maze akagera ku myanzuro inyuranye. Igihe ibyo bibabaye. Urugero:

*Intambara yavutse hagati ya Kayitesi na Kanyana, ubwo Kayitesi yitaga Kanyana "inzimuzi". Kayitesi yarakajwe n'uko Kanyana abwira abandi bakobwa yuko Kayitesi akunda Gasana. Kayitesi yatekerezagako ubwo Kanyana ari inshuti ye, yagombaga kubika "ibanga". Kanyana yaramenyereye kuvuga, nta bwo yigeze agira ibanga. Yatekerejeko bitazababaza Kayitesi.*

Uburyo bumwe bwo gutangira kwigisha kwihanganirana ni ugufasha abanyeshuri bakamenya kwiyubaha kandi bakamenya agaciro kabo. Abana bazi ibyo bashoboye kandi bizeye ubushobozi bwabo ntibazababazwa n'igitekerezo gitandukanye n'icyabo. Kubera ko bizeyeko bashoboye, bazagira amatsiko yo kumenya abandi. Mu gihe amakimbirane azavuka, bazashobora kumva ibyo abandi bavuga nta bwoba bwo guta agaciro.

Mu byigwa biri mu iki gitabo, abanyeshuri bazabona umwanya wo kugwiga byinshi biberekeye, agaciro kabo, ibyobakunda, ibitekerezo, n'ibiyumviro, no kubona itandukaniro iri hagati yabo n'abagenzi babo. Baziga kandi kumenya ibibatandukanya bishobora kubyara amakimbirane.



## **2. KUDAHUTIRAHO**

Abahanga mu byerekeye gukemura amakimbirane bavugako bikomeye gukemura amakimbirane wirengagije ibyifuzo bijyanye n'ingiro. Gukemura amakimbirane biza buhoro buhoro iyo buri wese ushyamiranye amenye ibyoyifuza akanabiganira.

Ni ingenzi na none kumenya uko undi yumva, uhereye ku byo avuga no ku byo agaragarisha ibice by'umubiri nk'intoke n'amaso. Bigira akamaro kandi iyo buri wese agaragajeko yumva abandi. Gukemura amakimbirane bisabako kumenya ibyifuzo, gushobora kubivuga mu magambo no gushobora kumva abandi.

Mu byigwa biri mu iki gitabo, abanyehsuri bazashaka amagambo avuga ibyifuzo. Bazanaboneraho gutekereza ku ibyifuzo bakunze kubona n'ukuntu babimenya igihe bigaragajwe mu magambo n'ibimenyetso.

### 3. GUTUMANAHO

Kutamenya kumva neza kenshi ni umuzi wo kutumvikana n'amakimbirane. Ni yo mpamvu kwiga kumva neza ari ingenzi.

Gukemura amakimbirane kwose gusaba itumanaho. Ibi ntibishatse kuvugako itumanaho ubwaryo ari intambara. Iyo hari amakimbirane, kenshi ntudukenera gutumanaho cyane; ahubwo dukenera gutumanaho neza. Itumanaho n'inkota ifite ubugi bubiri mu gukemura amakimbirane. Rishobora kugabanya cyangwa kongera amakimbirane bitewe n'ukuntu rikoreshejwe. Kugira ngo umuntu yumve neza iyi nshingano y'uburyo bubiri, ni ngombwa kumva inzira yose yo gutumanaho.

*Kwitegereza*

↓

*Kumva*

↓

*Kuvuga*

↓

*Kohereza no Kwakira*

↓

*Kuyungurura*

↓

*Kumva*

Uko bigaragara rero, igihe umuntu akoresha yigisha uburyo bwo gutumanaho ntikiba gipfuye ubusa, kubera ko ubwo buryo bukoreshwa n'ahandi uretse mu gukemura amakimbirane. Mu byu kuri, ugomba kumenyereza abanyeshuri bawe kugira ingeso nziza zo gutumanaho zigahinduka kamere ya kabiri.

Gutumanaho nabi no kumva nabi n'impamvu ya mbere y'amakimbirane. Kenshi dufata nabi cyangwa twumva nabi ibyo undi yavuze maze tugasubiza dukurikije ibyo twumvise n'ibyo twaketse. Kutamenya gutumanaho neza bishobora kubyara amakimbirane mu gihe abantu badafite urubuga baganiriramo cyangwa bafite ubwoba cyangwa batazi kugaragaza neza ibyo bakeneye n'ibyo bifuzwa. Kudashobora gutegera amatwi icyo undi avuga no kutitegereza na byo bikurura amakimbirane.

Hari uburyo bubiri gutega amatwi bidufasha mu gukemura amakimbirane: kubona inkuru no kurwanya uburakari n'urwangano.

Kenshi abantu batekerezako kumva byoroshye kandi ko atari ngombwa kubishishikarira. Ariko twasanzeko kumva bishobora kuba kimwe mu bice bikomeye byo "Gutumanaho" kigomba kwigwa. Buri wese wahuye ni ikibazo cy'ibihuha azi ukuntu ubutumwa buhinduka bamaze kubwumva no kubusubiramo kenshi. Iyo tudateze amatwi neza, biroroshye guhindura ibyo twumvise kugira ngo tunezeze uburyo bwacu bwo kubona ibintu.

Kumva neza birushaho gukomera mu makimbirane kubera ko bibyutsa ibyifuzo bituma tutita ku byo undi muntu avuga. Iyo umuntu arakaye cyangwa ababaye, nubwo yabazi kwihangana cyane, ashobora kutumva ikibazo cy'undi muntu.

Gushishikarira kumva uvuga bishobora gutuma uburakara bushira kandi inkuru nshya ikaboneka. Ariko hari ibintu bimwe uwumva agomba gukora kugira ngo habeho ubwumvane. Kumva neza ni uburyo bwo gusubiza uvuga, bikaba bishaka kuvugako uwumva agerageza kumva icyo uvuga avuga, yifuza cyangwa akora. Byereka uwumva ko gutumanaho atari inzira imwe kandi ko ibivugwa bikwiye gutegerwa amatwi.

#### 4. GUFASHANYA

Dukeneye kumenya gufashanya, kugira ubushake bwo gufashanya no gukorera hamwe neza kugira ngo twubake isi y'amahoro kandi irangwa n'ubwihanganirane.

Gufashanya ni ugukorera hamwe mugamije intego zimwe. Mu iki gice tuzaganira ku byerekeye ubufatanye mbere na mbere bujyanye no gukorera mu matsinda, ariko twumveko amatsinda atari byo bivuga ubufatanye. Gufashanya bishobora kuvuga gukorera hamwe mu cyumba; gukorera hamwe mu ishuri abanyeshuri bamwe bari imbere abandi bari inyuma. Abahanga bo mu bihugu byinshi byo ku isi kenshi barafashanya nyamara batarebana cyangwa batavuga ururimi rumwe.

Mu bintu byose bituma ishuri ribamo amahoro, ubufatanye ni bwo bwa mbere. Gukemura amakimbirane, kwihanganirana, imyifatire myiza yo gutumanaho, no kumenya ibyifuzo by'abandi ni igihe abanyeshuri bamenye gukorera hamwe. Ubufatanye na none butuma abantu bumvako bari mu muryango umwe kandi bakagira ibyifuzo byiza.

Irushanwa ni ikintu gihabanye n'ubufatanye. "Irushanwa ribyutsa ishyari kandi rikica ubugwaneza bw'umutima" (Vivekananda). Uburyo bwo gutanga amanota n'irushanwa. Irushanwa rikurura amakimbirane. Uko byaba kose ntibishaka kuvugako irushanwa ari ribi. Amakimbirane ituma umuntu akura mu bitekerezo. Ubwo kandi umuco w'isi n'igihe tugezemo ushingiyeye irushanwa, twizerako abanyeshuri bakeneye kwiga kurushanwa kugira ngo bahangane n'ubuzima.

Kwigira hamwe bivuga gukorera mu matsinda mato ku buryo abanyeshuri bakorera hamwe kugira ngo bose bunguke mu byigwa. Igitekerezo kiroshye. Abanyeshuri bagabanywamo amatsinda mato iyo bamaze guhabwa amabwiriza na mwarimu. Bahabwa umukoro abagize istinda bagomba gukorera hamwe, bakawumva kandi bakabonera igisubizo hamwe. Imbaraga zabo bazihuriza hamwe kugira ngo buri wese ugize itsinda yungukire ku mbaraga zundi (*Nungukira ku gutsinda kwawe no gutsinda kwanjye kukakungukira*). Umuntu akamenyako bose basangiye gupfa no gukira (*Twese turarohama cyangwa se twogere hamwe*), akamenyekako ibyo ageze abikesha mugenzi we (*Ntidushobora kubikora tutagufite*), kandi akumva agize ishema n'ibyishimo by'uko umwe muri bo yagize ibyo ageraho (*Wabonye amanota 10 ku icumi! Ni byiza!*)

## 5. GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Kubana mu mahoro ni ukubanza kumva amakimbirane no kumenya uko bayakemura mu nzira z'amahoro.

Ku buryo bw'umwihariko, amakimbirane agize umugabane umwe w'imibereho ya buri muni. Abanyeshuri bo mu myaka ibanza y'amashuri bapfa ikaramu y'igiti, umupira, umurongo, ibyicar, n'ibindi. Umunyeshuri agirana amakimbirane n'inshuti ze, abo mu muryango we, abo bigana, n'abaturanyi be. Mu gihe amakimbirane menshi bagirana n'abandi adashingiye ku bugome, abana bakeneye kugira ubushobozi bwo gusubiza, kumvikana, guhitamo, gukora no gukemura ibibazo.

Abahanga mu byerekeye ubumenyi bw'abana bavugako abana bazi bike ku byerekeye ukuntu amahoro ashakwa ni ukuntu amakimbirane akemurwa muri rusange. Nubwo abana benshi baganira ibyerekeye ubwoba n'iterabwoba rivugwa ku isi, abana bazi bike ku byerekeye ukuntu amahoro agerwaho n' ukuntu amakimbirane ku isi ashobora gukemurwa. Abana bakeneye kumenya ukuntu amakimbirane aza n'impamvu abaho n'ukuntu yakemurwa, ubushobozi buhagije kugira ngo buzuzwe inshingano zabo, n'imyifatire bagira mu kwitangira amahoro, ubutabera n'imibereho itarimo ubusumbane. Ni ngombwa kumvako mu burezi amahoro agomba kwigishwa, maze umwana agahabwa ubumenyi, ubushobozi n'imyifatire bimuganisha ku mahoro, kandi umwana akagira uruhare mu gushakira isi yacu amahoro.

Iyo ubajije abanyeshuri icyo batekereza iyo bumvise ijambo "amakimbirane", bavuga kenshi ko ari "uburakari", "urwanganu", "imirwano", "ubushyamirane". Abantu benshi bumva amakimbirane nabi, bakavugako ari mabi, ateza umubabaro, abuzwa amahoro, atera ubwoba, n'imibanire itameze neza. Turatekerezako ingaruka y'amakimbirane ku muntu umwe iba "gutsinda", ku wundi ikaba "gutsindwa", cyangwa se, kuri bombi ari ukugira icyo bareka kugira ngo bumvikane.

Uburere Bugamije Amahoro bubona amakimbirane mu buryo butandukanye n'ubusanzwe mu mucu w'abantu. Amakimbirane ashobora kuvamo ibyiza. Iyo amakimbirane akoreshejwe mu buryo bwiza, agira ibyiza byinshi. Adufasha:

- . Kwiga uburyo bushya kandi bwiza bwo gusubiza ibibazo;
- . Kushimangira imishyikirano izaramba;
- . Kwiga uko duteye n'uko abandi bateye.

Ikintu kiva mu makimbirane n'ingaruka y'ubutumwa twahawe n'ababyeyi bacu, bagenzi bacu, umuco wacu, idini yacu, n'itangazamakuru, ryo rikaba ridufiteho uruhare runini. Ni kangahe se twumise ngo:

*"Umuntu nakumena ijisho nawe umumene irindi."*

*"Niba ushaka amahoro, tegura intambara"*

*"Ingoma idahora ni igicuma"*

*"Abakobwa beza ntibarwana"*

## **6. UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'UMWANA**

***“Hatabayeho ubutabera, ijambo “amahoro” ryakomeza kuba ryiza ariko ririmo ubusa.”***

(Dom Helder Camara, Brésil)

***“Niba dushaka amahoro nyayo mu iyi si...dukwiye gutangira kuyigisha abana.”***

(Mahatma Gandhi, India)

Abanyeshuri bakeneye kumva amabwiriza yanditse mu Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye Areba Uburenganzira bw'Umwana no kumvako yandikiwe kurinda no guteza imbere umwana.

Abantu bose bizerako abana babo bazakura kandi bakaba abaturage beza bazakorera igihugu cyabo. Nyamara mu bihugu byinshi abana ntibahabwa uburenganzira bwabo buzabashoboza kubaho, gukura neza no gukorera igihugu cyabo.

Mu bihugu byinshi byateye imbere, abana benshi bahura n'ibintu byinshi byangiza ubuzima bwabo: imirwano, bacuruza ibiyobyabwenge, ubusambanyi no gufatwa nabi. Bakora amasaha bataruhuka bikabononera ubuzima.

Miriyoni nyinshi z'abana iyo zitangiye ishuri zishoka zireka kwiga. Ndetse no mu bihugu byakira abana benshi mu ishuri, abana bavuka mu miryango igizwe n'abantu bacye, nko mu by'ubwoko cyangwa ururimi, abakobwa n'abana bamugaye basanga amahirwe yabo yo kwiga afite inzitizi.

Abana benshi bicwa n'indwara zishobora kwirindwa. Imirire mibi kugeza ubu ntiyari yabonerwa umuti; amazi meza n'isuku aho abantu batuye ntibyitabwaho cyane. Mu bihugu byateye imbere ndetse n'ibikiri mu nzira y'amajyambere, batangiye kubonako, ariko batazi uburemere bw'ububi bwa byo, imyuka ihumanya iri mu bidukikije yangiza ubuzima bw'abana.

## **V. UBURYO BUSHYA BWO KWIGA NO KWIGISHA**

Uburyo bushya bwo kwiga burangwa no gukoresha ibyigisho byinshi (indimi, uburere mboneragihugu, gushushanya, imibare, ubumenyi bw'ibidukikije,...) no kugira uruhare mu byigwa ni ubuhanga bukoreshajwe mu iki Gitabo cy'Umwarimu bushobora kuba ari bushya ku bazagikoresha.

**Kwiga wifashishije ibyigisho byinshi bivuga gukoresha ibyigisho bimwe biri mu nteganyanyigisho y'amashuri.**

**Uburyo butuma umunyeshuri agira uruhare mu byigwa ni bwiza kubera ko butuma amagambo avuga ibintu bidafatika (amahoro, uburakari, ubutabera, ...) arushaho kumvikana neza. Ubwo buryo butuma ibibazo byinshi byumvikana. Bimwe mu bigize ubwo buryo bwakoreshejwe mu iki gitabo cy'umwarimu n'ibi bikurikira:**

***Kujya impaka mu matsinda:*** abanyeshuri bashakira hamwe ibisubizo ku byo babajijwe. Bagomba kujya impaka kuri buri gitekerezo gitanzwe mbere yo kwemeza igisubizo. Iyo bavuye mu matsinda bashyira hamwe ibyo bagezeho, noneho hakavamo ibisubizo byiza ishuri ryose ryemeje cyangwa ryagiyeho impaka. Nubwo ari ingenzi ko ishuri ryose rijya impaka, amatsinda mato atuma buri munyeshuri ashaka igisubizo kandi akagira uruhare mu byigwa. Igihe abanyeshuri bumva ibitekerezo by'abandi, bibafasha kurushaho gusobanukirwa n'ibitekerezo bya bo, imyifatire n'agaciro bafite. Ibitekerezo bikurikira bizafasha umwarimu gukoresha amatsinda mu ishuri:

- a. Abanyeshuri bakore amatsinda ya 6-8 (bikurikije umubare w'abanyeshuri, urugero: 40) kugira ngo buri wese agire icyo avuga.
- b. Abanyeshuri bicare bazengurutse ameza cyangwa bakore uruziga kugira ngo buri wese aze kugira icyo akora.
- c. Buri tsinda ryitoramo umuvugizi uza kubwira ishuri ryose ingingo z'ingenzi bajyiyeho impaka.
- d. Amatsinda agomba kubwirwa icyo bajyaho impaka.
- e. Umwarimu ahe abanyeshuri ibibazo bibayobora mu mpaka, niba ari ngombwa.
- f. Keretse bakeneye ubufasha cyangwa inama, ubundi si ngombwa kurogoya abajya impaka.
- g. Igihe amatsinda yabonye umwanya uhagije wo kujya impaka, umwarimu abwire umwe mu bagize itsinda avuge muri macye ibyo bagezeho.
- h. Umwarimu akore urutonde rw'imyanzuro.
- i. Umwarimu n'abanyeshuri bajye impaka ku ngingo z'ingenzi maze batange imyanzuro iheruka.

***Gutanga ibitekerezo byinshi:*** ni intambwe ya mbere mu gushaka ibisubizo by'ikibazo. Ubu buryo butuma ubwonko bushakashaka ibisubizo kandi bugatanga inzira nyinshi ibisubizo byabonekamo. Igihe ibi bikorwa, abanyeshuri basabwa gutanga gusa ibitekerezo byinshi. Ibitekerezo byabo byose birandikwa kandi ntihagire ibyemezo bifatwa mw'uru rwego.

Igihe urutonde rw'ibitekerezo rwakozwe, abanyeshuri basubira mu bitekerezo batanze kandi bakavanamo ibidafite akamaro, maze bakemeza ibisubizo by'ingenzi.

**Ikinamico:** ryongera ubushobozi bw'umunyeshuri mu kureba kure, gushaka ibisubizo no gukemura amakimbirane. Ikina mico ntirigomba gutwara igihe kinini. Abarimu bagomba kwita ku ibi bikurikira igihe bategurira abanyeshuri ikina mico:

- **Kuvuga neza ahantu umukino ubera n'abakinnyi bawugize,**

- **Gusaba ababishaka akaba ari bo baza gukina.**

- **Kwitegura:** buri munyeshuri ufite uruhare mu mukino agomba guhabwa iminota ibiri cyangwa itatu yo gutekereza ku nshingano ze. Kwitegura ntibigomba gutwara umwanya munini.

- **Mu gihe cyo gukina:** umwarimu yandike igikorwa cyose gishobora gutuma umukino ugenda neza, n'impamvu intego yagezweho cyangwa itagezweho. Abanyeshuri n'abo barebera umukino bandike ibyo babonye ku mukino. Umwarimu abwire abanyeshuri ko batagomba kurangaza abakina.

- **Kurangiza umukino:** umwarimu ahagarike umukino igihe igisubizo kibonetse, igihe umukino ugenda buhoro, cyangwa niba gukomeza gukina bikomereye abanyeshuri. Umwarimu ahe abakinnyi igihe cyo kuruhuka no kugurana imyanya.

**Impaka:** umwarimu abwire abakinnyi batange ibitekerezo byabo. Abafashe kujya impaka ku byo bakoze, uko bumvaga bameze mu gihe umukino wakinwaga, icyo batekereza kuri buri gikorwa, uko bishimye umukino urangiye. Indorerezi zitange ibitekerezo byazo cyangwa zivuge ubundi buryo umukino washoboraga kuba wakinwe.

**Ikinamico** rishobora gukoreshwa abantu bashaka ibisubizo byihutirwa mu gihe abantu bashyamiranye mu ako kanya. Urugero: Niba abanyeshuri babiri barimo barwanira isakoshi y'ibitabo buri wese atekerezako ari ye, umwarimu ababwire bahagarike kurwana bakore ikintu kinyuranye n'icyo bakoraga. Kimwe mu byo bakora ni ukureba mu isakoshi. Bongere bigane ayo makimbirane maze baganire ku bisubizo bitandukanye.

### UKO IKI GITABO GIKORESHA

**Turerere u Rwanda rw'Amahoro** si icyigisho gishya kigomba kwinjizwa mu nteganyanyigisho cyangwa ku ngengabihe y'amashuri abanza isanzwe ifite ibyigisho byinshi, ahubwo ni programu igomba kwinjizwa mu byigisho bisanzwe: indimi, imibare, ubumenyi bw'isi, ...Ku banyeshuri bo mu cyiciro cya 1, iyi programu yarikwiye kwigishwa mu gihe cyo kwigisha indimi, ku banyeshuri bo mu cyiciro cya 2, ikwiye kwigishwa mu inyigisho y'uburere mboneragihugu.

Muri buri gice cyangwa insanganyamatsiko y'iki Gitabo cy'Umwarimu harimo amagambo y'ingenzi umwarimu azajya akoresha asobanurira abanyeshuri n'impamvu ayo magambo ari ingenzi mu Burere Bugamije Amahoro. Amagambo abanza kuri buri gice akurikirwa n'ibygwa. Ibyigwa bimwe byagenewe imyaka imwe cyangwa ibyiciro bimwe. Nyamara abanyeshuri bari mu cyiciro kimwe bashobora kutagira ubushobozi bumwe bwo gutumanaho no gukemura amakimbirane. Umwarimu akwiye kumenya ubushobozi bw'abanyeshuri be mu guhitamo icyigwa.

Umwarimu azifashisha iki gitabo kugira ngo amenyereze abanyeshuri ibintu byose byabafasha kugera ku mahoro nya kuri. Hariho ingingo esheshatu zizigishwa ziboneka mu iki Gitabo cy'Umwarimu: kumenya agaciro kawe, kudahutiraho, gutumanaho, gufashanya, gukemura amakimbirane, n'uburenganzira n'inshingano by'umwana. Izi ngingo zigomba kwigishwa uko zikurikirana mu iki Gitabo cy'Umwarimu.



Ibyigwa byateganyijwe mu iki gitabo bishobora kwigishwa mu nyigisho z'indimi (igifaransa, ikinyarwanda, icyongereza), uburere mboneragihugu, ubumenyi bw'ibidukikije, ... Mu gihe cyo kwigisha ubumenyi bw'isi, umwarimu ashobora kwifashisha iki gitabo, agakoresha ingingo ivuga ibyo gufashanya (urugero: 'Ibyo Turya Biva he?'). Iki cyigwa cyigisha abanyeshuri kumenyako abantu, uturere, ibihugu, ari magirirane. Kuberako intego rusange ya '**Turerere u Rwanda rw'Amahoro**' ari ugucengeza amahoro mu mibereho y'abanyeshuri, ibyigwa byinshi bikwiye kwigishwa mu gihe cy'inyigisho y'uburere mboneragihugu. Na none mu gihe umwarimu yigisha ururimi, ashobora kwifashisha uburyo bwo kujya impaka (abanyeshuri bari mu matsinda cyangwa bayavuyemo), ikinamico no gutanga ibitekerezo byinshi.

Ibyigwa byateganyijwe biri mu bice 6 bijyanye n'ingingo zavuzwe haruguru aha, bizigishwa umwarimu akurikiza ibi bikurikira:

- **Intego:** Zigaragaza ubumenyi, ubushobozi n'imyifatire umunyeshuri agomba kugira mu gihe icyigwa cyigishwa.
- **Icyiciro cy'amashuri:** Ibyigwa byateganyirijwe abanyeshuri bo mu byiciro bibiri:
  - Icyiciro cya 1: Umwaka wa 1-3
  - Icyiciro cya 2: Umwaka wa 4-6
- **Imfashanyigisho:** Ibikoresho bizafasha mu kwigisha icyigwa.
- **Uko byigishwa:** Ni uburyo bukurikizwa kugira ngo icyigwa cyigishwe. Ibyigwa byinshi bishobora kwigishwa mu minota 30. Ariko umwarimu agomba kureba uko icyigwa kireshya akacyigisha mu gihe gikwiye.

Abarimu basabwe gukoresha ubuhanga bwabo mu gukoresha iki gitabo kugira ngo kigendane nuko ishuri rimeze. Kwigisha no kwiga iyi programu bizashimisha umwarimu n'umunyeshuri mu gihe bombi bazafatanyaga gushyira mu bikorwa uburyo bwateganyijwe bwo kwigisha buri mu iki gitabo.

## **VI.UBURYO BWO GUSUZUMA**

Ibikoresho by'isuzuma byakoreshejwe mu nyigisho zigamije amahoro birimo:

ibibazo bibazwa abanyeshuri, abarimu n'abahugura abandi: ibiganiro byagenewe umuntu; ni isuzuma rikorwanye kwitegereza. Eg. Kwitegereza uko umwarimu ayobora isomo rivaze.

Ibibazo by'isuzuma bishobora kubazwa birimo ibirebana n'uburyo umuntu akoresha asuzuma n'ibirebana n'ingaruka cyangwa ibisubizo ubaza ashaka kugeraho:

**Ibibazo by'isuzuma birebana n'uburyo bwo kugira urugahaqii:**

Mbese integanyanyigisho zirashyirwa mu bikorwa nk'uko byateganyijwe?

Mbese integanyanyigisho zikwiranye n'inzego z'ubutegetsi, ubukungu n'umuco?

Mbese abarimu, abahugura abandi n'urubyiruko bumva bate integanyanyigisho zo kuvugurura imyifatire?

Mbese ababyeyi n'abayobozi bumva bate integanyanyigisho?

Mbese imfashanyigisho n'amahugurwa bifite akamaro?

Mbese abakoresha (abahugura abandi, abarimu n'abanyeshuri ubwabo) integanyanyigisho n'ibitekerezo bijyanye n'azo barabyumva hakurikijwe ururimi bakoresha cyangwa ubushobozi bafite mu mfashanyigisho zihari?

Ni akahe kamaro integanyanyigisho zifite ku birebana n'amoko ari mu gihugu?

Mbese abanyeshuri bishimiye uburyo bwo guhindura imyifatire?

Mbese integanyanyigisho zinyuze uzikoresha?

**Isuzuma rigamije ingaruka cyangwa ibisubizo**

Mbese integanyanyigisho igera ku ntego?

- Mbese abanyeshuri bariga uburyo bwo guhindura imyifatire?
- Mbese hari imihindukire mu mico no mu myifatire?
- Mbese hari imihindukire mu bitekerezo: kumenya agaciro kawe no kwizera ubushobozi bwawe?
- Mbese integanyanyigisho zirwanya amahane?

Mbese integanyanyigisho hari ibindi zishobora guhindura? Uretse ibyiza by'uburyo bwo

guhindura imyifatire, guteza imbere ubushobozi, no kwirinda ibibazo birebana n'imyifatire, hari ibindi byiza by'ubu buryo:

- Kongera imishyikirano hagati y'umwarimu n'umunyeshuri
- Kongera ubushobozi bwo kwiga
- Kugabanya umubare w'abanyeshuri bareka ishuri
- Kongera imishyikirano hagati y'ishuri n'umuryango umwana avukamo

### Urupapuro rw'Isuzuma

Shyira mu ruziga umubare umwe kuri buri kibazo

	<i>cyane</i>	<i>gahoro</i>		<i>gahoro</i>	<i>cyane</i>
1. Mbese amahugurwa yarashimishije cyane? 5	4	3	2	1	
2. Mbese amahugurwa afite agaciro?	5	4	3	2	1

Subiza mu magambo yawe.

3. Ni ikihe gice cy'amahugurwa cyagushimishije, kubera iki?
4. Ni ikihe gice cy'amahugurwa cyitagushimishije, kubera iki?
5. Ni iki wumva ujyanye kizakugirira akamaro?
6. Ni iki gikenewe mu mahugurwa ataha?

## VII. IBINDI BYO KUZIRIKANWA

1. Kimwe mu bituma iyi gahunda itajya mu bikorwa vuba ni ukubura abarimyu bahuguwe kuigira ngo bigishe inyigisho z'uburere bugamije amahoro. Abarimu ntibakeneye kwigira gusa icyigisho gishya ahubwo bakeneye no kwigira uburyo bushya, byombi byaganiriweho haruguru. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Bana (UNICEF) ryiteguye gushyigikira amahugurwa y'abarimu bazahugura abandi n'abandi barimu, na gahunda yo guhugura abarimu.

2. Indi mpamvu iyi gahunda itihuta ni ukubura ibitabo n'ibikoresho birebana n'inyigisho z'uburere bugamije amahoro zagenewe buri mwaka w'amashuri. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Bana (UNICEF) ryiteguye gushyigikira ishyingirwaho ry'Ishami ry'Uburere Bugamije Amahoro mu Biro by'Integanyanyigisho (Bureau Pédagogique) rizajya ryandika kandi rigasohora ibitabo.

3. Na none Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Bana (UNICEF) ryiteguye gushyigikira urugendoshuri rw'abakozi ba Leta bazajya muri Afurika y'Epfo, Bostwana, na Zimbabwe kureba ukuntu bakoresheje kandi bagashyira inyigisho zisa n'iz'uburere bugamije amahoro mu nteganyanyigisho.

\* Amashuri menshi yo muri Afurika y'Epfo areba uburezi yakoresheje gahunda yo muri Amerika y'uburere bugamije amahoro yagenewe ingimbi kuva muri Werurwe 1994.

\* Igihugu cya Zimbabwe cyashyizeho Gahunda yo Kwigisha ibya Sida, ishingiyeye ku guhindura imyifatire byigishwa mu nyigisho z'uburere bugamije amahoro, kuva muri Mutarama 1994. Gutoranya abana bo mu kigero cy'imyaka 9-18 bakigishwa iyo gahunda, ni itegeko rigomba gukurikizwa mu nteganyanyigisho y'amashuri maze ikagira igihe cyihariye.

\* Igihugu cya Botswana cyakoresheje gahunda y'abanyamerika yo guhindura imyifatire, nayo yibanda ku buryo bwigishwa mu burere bugamije amahoro, ikoreshwa n'abanyeshuri bari hagati y'imyaka 6-12.

4. Niba Ministeri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yemeye gushyira uburere bugamije amahoro mu nteganyanyigisho, Igitabo cy'Umwarimu cy'Uburere Bugamije Amahoro cyanditswe na UNICEF, igishije inama MINEPRISEC na MINESUPRES, gishobora gukoreshwa mu mashuri yatoranijwe mu gihe igitabo cya buri mwaka w'ishuri kirimo cyandikwa.

Igitabo cy'Umwarimu cyo mu mashuri abanza giha amahirwe abarimu n'abanyeshuri yo kwimenyereza inyigisho z'uburere bugamije amahoro no kwigira mu uburyo bushya aho umunyeshuri agira uruhare mu byigwa. Ntabwo cyanditswe nk'aho ari igitabo kirimo inyigisho zuzuye zizakoreshwa mu masomo y'uburere bugamije amahoro zizashyirwa mu nteganyanyigisho y'amashuri abanza. Ahubwo n'igitabo kigeragezwa kizakoreshwa inyigisho y'uburere bugamije amahoro iramutse yinjijwe mu nteganyanyigisho. Mu iki Gitabo cy'Umwarimu, ku rupapuro rwa nyuma, hari ukuntu ibyigwa byagabanijwemo kuri buri mwaka.

## URWIKWE

Mbere y'uko bagira imyaka ibiri abana baba bazi itandukaniro hagati y'amoko. Iyo bageze mu kigero cy'imyaka itatu bashobora kushyira agaciro ku iryo tandukaniro. Hagati y'imyaka ine n'itandatu, bagaragaza imyifatire ishingiye ku gitsina, bakaba baheza ndetse abandi bana batandukanye n'abo ku by'amoko cyangwa umubiri. Imyifatire y'abo mu muryango ni iyo igira icyo ihinduraho umwana mbere na mbere. Nyuma abana bagasoma ibitabo bibashyiramo ibitekerezo bishingiye ku moko.

### VIII. Aho Byavuye

1. Richard Howitt & Frank Hutchinson. *Educating For Peace in Primary Schools*. NSW Department of Education, Sydney, 1985.
2. Mastellone Flavia. *Finding Peace Through Conflict: Teaching Skills For Resolving Conflicts and Building Peace*. Mass. NAME, 1993.
3. Ministry of Education and Culture. *Let's Talk ! An AIDS Action Programme for Schools*. Harare, Zimbabwe: UNICEF, 1995.
4. *Life Skills Education in Schools*. Geneva: WHO, 1994
5. Fountain, Susan. *Education for Development*. London: Hodder & Stoughton, 1995.
6. \_\_\_\_\_ . *Education for Conflict Resolution: A Training Manual*, New York: UNICEF, 1995
7. Kreidler, William J. *Creative Conflict Resolution*. Glenview, Ill.: Scott, Foresman, 1984.

UMUSHINGA W'UBURERE MBONIERA  
GIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA  
UBWIZERANE N'UBWIYUNGE  
BW'ABANYARWANDA.

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA MU MASHURI  
YISUMBUYE YO MU RWANDA.

Nyuma y'amarorerwa yabaye mu Rwanda muri Mata-Nyakanga 1994, ni ngombwa ku buri Munyarwanda, mu rwego arimo, yatanga ibitekerezo bye ku cyakorwa kugirango Abanyarwanda bongere babane neza.

Ni muri urwo rwego rero, Umushinga utegura inyigisho y'Umuco w'Amahoro, ubifashijwemo n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD) wateguye irushanwa ryo KUVUGA NEZA (Tournoi d'Eloquence) mu mashuri yisumbuye. Interuro y'iryo rushanwa ni "ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA".

AMABWIRIZA AZAGENGA IRUSHANWA

INGINGO YA MBERE.

Iri rushanwa ryagenewe abanyeshuri bose bo mu mashuri yisumbuye kuva ku mwaka wa kane kujyana hejuru.

INGINGO YA KABIRI.

Irushanwa rizakorwa mu nzego eshatu :

- 1<sup>o</sup>) Mu rwego rwa mbere irushanwa rizabera kuri buri kigo cy'ishuri ryisumbuye
- 2<sup>o</sup>) Mu rwego rwa kabiri abazaba batsinze mu rwego rwa mbere bazahurizwa mu rwego rw'ifasi
- 3<sup>o</sup>) Abazaba batsinze mu rwego rw'ifasi bazarushanwa mu rwego rw'igihugu.

INGINGO YA GATATU

Utunama dushinzwe ijongora tuzaba tugizwe n'aba bakurikira :

- a) Mu rwego rw'ibigo by'amashuri yisumbuye, ni abarimu bane kuri buri kigo bazaba batoranyijwe n'umuyobozi wacyo.
- b) Mu rwego rw'ifasi bazaba ari abantu batatu batanzwe n'umugenzuzi w'ifasi, n'undi umwe uzatangwa n'umushinga.
- c) Mu rwego rw'igihugu, ako kanama kazaba kagizwe n'abantu icumi bazashyirwaho n'umushinga.

### INGINGO YA KANE

Umushinga uzabanza gusobanurira abagize utunama dushinzwe ijonzora amabwiriza arigenga.

### INGINGO YA GATANU

Mu rwego rwa mbere hazafatwa <sup>ibiri</sup> batatu bambere ; mu rwa kabiri, babiri ba mbere naho mu rwego rwa gatatu ari narwo rwa nyuma hazatoranywa cumi na babiri (12) ba mbere. Abo nibo bazegukana ibihembo byateganijwe.

### INGINGO YA GATANDATU

Ibihembo bizatangwa ku buryo bukurikira :

- uwa mbere :	200.000 F
- uwa kabiri :	180.000 F
- uwa gatatu :	160.000 F
- uwa kane :	140.000 F
- uwa gatanu :	120.000 F
- uwa gatandatu :	100.000 F
- uwa karindwi :	90.000 F
- uwa munani :	80.000 F
- uwa cyenda :	70.000 F
- uwa cumi :	60.000 F
- uwa cumi n'umwe :	55.000 F
- uwa cumi na babiri :	50.000 F



INGINGO YA KARINDWI.

Abarushanwa bagomba gutegura inyandiko irambuye (hagati y'amapaje atanu n'umunani) yerekana icyakorwa n'inzira Abanyarwanda banyuramo ngo bongere babane neza. Iyo nyandiko izakorwa mu rurimi rw'i Kinyarwanda kandi igomba kuba yandikishije imashini.

INGINGO YA MUNANI.

Iyo nyandiko igomba kuba ari umwimerere. Ni ukuvuga ko abanyeshuri bagomba kwirinda kwandukura izindi nyandiko zanditswe ku nteruro y'iri rushanwa cyangwa gukorerwa n'abandi bantu abo aribo bose.

INGINGO YA CYENDA.

Abazarushanwa bazahabwa igihe cy'ukwezi cyo gutegura inyandiko yabo.

INGINGO YA CUMI.

Abazaba batsinze mu rwego rw'igihugu bazabimenyeshwa hakoreshejwe radio n'ibinyamakuru, amazina yabo kandi azamanikwa kuri buri biro by'ubugenzuzi bw'ifasi.


INGINGO YA CUMI N'IMWE.

Inyandiko zizaba zatsinze zizahita ziba umutungo bwite w'abakoresheje irushanwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10 Gashyantare 1997.

Umuhuzabikorwa w'Umushinga "UBURERE:  
MBONERA GIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA  
UBWIZERANE N'UBWIYUNGE  
BW'ABANYARWANDA"

Bernardin RUTAZIBWA.



## I. IBIBANZA

I Introduction

Renette a  
J. N. IDCA

## II Orientation General

### II. IMPAMVU RUSANGE YO KWIGISHA UBURERE BUGAMIJE AMAHORO

*"Ibihugu bishyize umukono ku aya masezerano byemejeko uburere bw'umwana buzibanda ku majyambere ashingiye ku kubahiriza uburenganzira bw'ikiremnamuntu no kwishyirukizana kwa buri muntu; amajyambere ashingiye ku kubahiriza umuco utandukanye n'uwe; gutegura umwana uzagirira igihugu akamaro, uzumva neza ibibazo, uzaharanira amahoro, n'ubwihanganirane, uzumvako ibitsina byombi bireshya imbere y'amategeko no gushyigikira ubucuti mu bantu; n'amajyambere ashingiye ku kubahiriza ibidukikije."*

Ingingo ya 29: Amasezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bw'Umwana, 1989

Ingingo ya 29 isaba amashuri n'abarimu guha abana uburere bwigisha ubumenyi bwa ngombwa, ubushobozi, n'imyifatire kugira ngo abeho yihanganira abandi, aharanira amahoro kandi akemura amakimbirane mu mahoro. Abana bakeneye kumenya uburyo n'impamvu amakimbirane avuka n'uburyo bwo kuyashakira ibisubizo, ubushobozi buhagije bwo kugira uruhare mu mibereho y'abatuye mu gihugu cye, n'imyifatire yo kwitangira amahoro, ubutabera n'uburinganire. Ibi birakenewe cyane mu gihe hari intambara z'urudaca zibera ku isi.

#### 1. AMAGAMBO Y'INGENZI

*Uburere Bugamiye Amahoro* : Ni uburere bugamiye guha umunyeshuri ubumenyi, ubushobozi n'imyifatire ikenewe kugira ngo amahoro agerweho, n'ubufatanye bugomba kuhaba kugira ngo amahoro aboneke. Ingingo zigize ubwo burere ni izi: kumenya agaciro kawe no kudahutiraho, gutumanaho, kubaka igihugu, ubufatanye, gukemura amakimbirane, uburenganzira n'inshingano by'umwana, no gufata ibyemezo. Ni uburere bugamiye *guhindura imyifatire, uburyo bwo gutekereza, ibigize umuco bitakijyanye n'igihe tujyemo, n'inzego zifite uruhare mu bizana amakimbirane, intambara, n'iterabwoba.*

Umuntu uzi agaciro ke kandi akamenya ibintu ashoboye gukora, azarushaho kwita ku inshingano ze, kwiteza imbere we ubwe no guteza imbere igihugu n'abaturage bacyo. Kumenya kwifata, ntakore ibintu ahutiyeho, bizamufasha kubana n'abandi mu mahoro. Kutamenya gutumanaho kenshi ni umuzi wo kutumvikana n'amakimbirane. Ni yo mpamvu kwiga gutumanaho neza ari ingenzi. Dukeneye kumenya gufashanya, kugira ubushake bwo gufashanya no gukorera hamwe neza kugira ngo twubake isi y'amahoro kandi irangwa no kwihanganirana. Kubana mu mahoro ni ukubanza kumva amakimbirane no kumenya uko bayakemura mu nzira z'amahoro. Abanyeshuri bakeneye kumva amabwiriza yanditse mu Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye Areba Uburenganzira bw'Umwana no kumvako yandikiwe kurinda no guteza imbere umwana.

*Amahoro*: Mu iki gitabo, tugomba kumva amahoro nk'aho atari gusa ya mahoro aboneka intambara cyangwa imirwano irangiye ahubwo ko ari n'imibereho myiza irangwa n'ubutabera,

## II. UBUSOBANURO RUSANGE

*“Ibihugu bishyize umukono ku aya masezerano byemejeko uburere bw’umwana buzibanda ku majyambere ashingiye ku kubahiriza uburenganzira bw’ikiremwa muntu no kwishyirukizana kwa buri muntu; amajyambere ashingiye ku kubahiriza umuco utandukanye n’uwe; gutegura umwana uzagirira igihugu akamaro, uzumva neza ibibazo, uzaharanira amahoro, n’ubwihanganirane, uzumvako ibitsina byombi bireshya imbere y’amategeko no gushyigikira ubucuti mu bantu; n’amajyambere ashingiye ku kubahiriza ibidukikije.”*

### **Ingingo ya 29: Amasezerano Mpuzamahanga y’Uburenganzira bw’Umwana, 1989**

Ingingo ya 29 isaba amashuri n’abarimu guha abana uburere bwigisha ubumenyi bwa ngombwa, ubushobozi, n’imyifatire kugira ngo abeho yihanganira abandi, aharanira amahoro kandi akemura amakimbirane mu mahoro. Abana bakeneye kumenya uburyo n’impamvu amakimbirane avuka n’uburyo bwo kuyashakira ibisubizo, ubushobozi buhagije bwo kugira uruhare mu mibereho y’abatuye mu gihugu cyeye, n’imyifatire yo kwitangira amahoro, ubutabera n’uburinganire. Ibi birakenewe cyane mu gihe hari intambara z’urudaca zibera ku isi.

### **1. AMAGAMBO Y’INGENZI**

*Uburere Bugamije Amahoro* : Ni uburere bugamije guha umunyeshuri ubumenyi, ubushobozi n’imyifatire ikenewe kugira ngo amahoro agerweho, n’ubufatanye bugomba kuhaba kugira ngo amahoro aboneke. Ingingo zigize ubwo burere ni izi: kumenya agaciro kawo no kudahutiraho, gutumanaho, kubaka igihugu, ubufatanye, gukemura amakimbirane, uburenganzira n’inshingano by’umwana, no gufata ibyemezo. Ni uburere bugamije *guhindura imyifatire, uburyo bwo gutekereza, ibigize umuco bitakijyanye n’igihe tujyemo, n’inzego zifite uruhare mu bizana amakimbirane, intambara, n’iterabwoba.*

Umuntu uzi agaciro ke kandi akamenya ibintu ashoboye gukora, azarushaho kwita ku inshingano ze, kwiteza imbere we ubwe no guteza imbere igihugu n’abaturage bacyo. Kumenya kwifata, ntakore ibintu ahutiyeho, bizamufasha kubana n’abandi mu mahoro. Kutamenya gutumanaho kenshi ni umuzi wo kutumvikana n’amakimbirane. Ni yo mpamvu kwiga gutumanaho neza ari ingenzi. Dukeneye kumenya gufashanya, kugira ubushake bwo gufashanya no gukorera hamwe neza kugira ngo twubake isi y’amahoro kandi irangwa no kwihanganirana. Kubana mu mahoro ni ukubanza kumva amakimbirane no kumenya uko bayakemura mu nzira z’amahoro. Abanyeshuri bakeneye kumva amabwiriza yanditse mu Masezerano y’Umuryango w’Abibumbye Areba Uburenganzira bw’Umwana no kumvako yandikiwe kurinda no guteza imbere umwana.

*Amahoro*: Mu iki gitabo, tugomba kumva amahoro nk’aho atari gusa ya mahoro aboneka intambara cyangwa imirwano irangiye ahubwo ko ari n’imibereho myiza irangwa n’ubutabera, uburinganire n’igihe kubaha uburenganzira bw’ikiremwa muntu byimirijwe imbere maze gukoresha ingufu bikavaho. Amahoro ashaka kuvuga inzira zose zikurikizwa kugira ngo amahoro agerweho no kugabanya ibintu byose byangiza ubuzima kandi bikazana amakimbirane. Ayo mahoro arangwa n’ubushake bwo kugera ku ubutabera mu bukungu no mu mibereho myiza y’abaturage, kurwanya ubukene n’ivangura, no kwita ku bidukikije.

**Intambara imunga imibereho:** Ni intambara n'amakimbirane bitagaraga, byihishe, kandi bitahuranyije. Ni intambara yica mu buryo bwinshi: intambara y'ubukene, amoko, igitsina, no kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Ubusobanuro umwanditsi umwe mu rwego rw'uburere bugamije amahoro yavuzeko: "Intambara imunga imibereho ari ingaruka iva ku mibereho y'abaturage isumbana ituma bamwe bagira imyanya ibahesha inyungu n'ubushobozi mu gihe abandi batagera ku byiza by'igihugu bafitiye uburenganzira."

**Isano iri hagati y'amahoro n'ibindi bibazo:** Gusobanukirwa n'amakimbirane, gukemura amakimbirane, n'amahoro byashoboka umuntu amenye umwanya w'ibindi bibazo biri ku isi. Urugero, n'uko amahoro afitanye isano n'ubutabera mu baturage, ku birebana n'ibyo dukeneye by'ibanze. Dukeneye aho kubaha heza, imiti, amashuri, ubukungu bwifashe neza. Igihe ibyo bitagezweho nt'amahoro dushobora kubona. Amahoro agerwaho ari uko umuntu yumvise uruhare rw'amashusho n'ibitekerezo byacu. Ibyo dukeka ku bandi bituma itandukaniro mu muntu rikomera, kandi kenshi bigabanya agaciro umuntu akwiye. Ibyo bigashaka kuvugako abantu "batandukanye" n'abandi baba bafite agaciro gacye; bashobora gufatwa nk' "abanzi", ubwo hakaboneka ibyiciro by'abantu bahanganye n'amakimbiri n'intambara.

## **2. INTEGO YO KWIGISHA AMAHORO NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE**

Impamvu z'ingenzi mu kwigisha amahoro ni ukumenya uburyo amakimbirane akemurwa, kwirinda intambara n'amakimbirane, no guharanira ubutabera mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Ibyo bigaragarira mu bumenyi, ubushobozi n'imyifatire umunyeshuri yiga cyangwa yimenyereza.

### **a. Ubumenyi**

- \* Kumenya amakimbirane y'amoko yose (ibintu, ibiyumviro, ibitekerezo), impamvu amakimbirane abaho, n'ingaruka zayo;
- \* Kumvako amakimbirane ashobora gukemurwa mu nzira nyinshi, intambara ikaba imwe muri zo;
- \* Kumenya uburyo bwinshi bukoreshwa mu gukemura amakimbirane (urugero: guhuza abashyamiranye, gushyikirana, kugira inama abashyamiranye...)
- \* Kumvako amahoro arimo ubwoko bwinshi: umutekano, amahoro arangwa n'ubutabera, uburinganire n'ubukungu) n'amahoro aboneka nyuma y'imirwano.

### **b. Ubushobozi**

- \* Gushobora gukemura amakimbirane mu mahoro: gushaka inzira nyinshi zishoboka kugira ngo amahoro agerweho, gufata ibyemezo, kumvikana, gufashanya;
- \* Gushaka ukuntu ubwo bushobozi bwashyirwa mu bikorwa mu mibereho y'umuntu ku giti cye no mu mibanire ye n'abandi.

### **c. Imyifatire**

- \* Kwitangira amahoro ayo ari yo yose;
- \* Ubushake bwo gufata ibyemezo mu guharanira amahoro;
- \* Kumenyako nyuma y'amakimbirane hashobora kubaho ibihe byiza n'ivugururwa ryiza.

### **III. INTEGO RUSANGE**

Uburere bugamije amahoro bugomba:

1. Gufasha abanyeshuri kumva uburyo bunyuranye kandi bukomeye buvamo imirwano n'amakimbirane no kumenya uburyo bumwe ayo makimbirane ashobora gukemurwamo.
2. Gushyigikira imyifatire irangwa no kwifuza gukemura amakimbirane mu mahoro.
3. Gufasha abanyeshuri kongera ubushobozi bw'umuntu ku giti cye n'ubushozi buzamufashakubaho neza no kwitwara neza.
4. Guteza imbere imibanire y'abantu, abanyeshuri n'abarimu bagashishikarizwa gukorera hamwe kugira ngo bumve kandi bashake umuti w'ibibazo bikomeye.

### **IV. INTEGO ZIHARIYE**

Uburyo bwo kugira uruhare mu byigwa ni ingenzi cyane mu kwigisha guhindura imyifatire; ni urufatiro rwo guhugura abarimu biga imyifatire. Kugira uruhare mu byigwa ni uburyo bwibanda cyane ku bantu bigira mu matsinda.

Mu bwana no mu bugimbi, ndetse n'igihe umuntu akuze, habaho imihindukire myinshi ku muntu itewe n'abandi. Ibi bishobora kwitabwabaho maze abagize itsinda bakiga, bagasangira ibyo bazi kandi bakitoreza hamwe.

Inshingano y'umwarimu ni uguhuza cyangwa gufasha mu ubu buryo bwo kwiga bw'abagize amatsinda, aho gutanga isomo mu buryo bumenyerewe.

Uburyo bwo kugira uruhare mu byigwa:

bushingira ku byo umuntu azi, ibitekerezo n'ubumenyi bw'abagize itsinda

butanga urubuga rwo kwigiramo byinsho no gusobanura ibisubizo

butanga inzira ijyana ku kumvikana n'umutekano ukenewe mukwiga no mu gufata ibyemezo.

Bizwiko gukorera mu matsinda bifitiye abantu bakuru n'abato akamaro kubera ko gukorera hamwe:

ari uburyo butuma abiga barushaho kwimenya bo n'abandi

bushyigikira ubufatanye aho gushyigikira irushanwa

butanga amahirwe ku bagize itsinda no ku barimu yo kumenya no gusuzuma ibyo

abantu bashoboye kandi bakimenya

butuma abigishwa bamenyana maze bakagirana ubucuti

buteza imbere kumva no gutumanaho

bufasha mu kumenya uko umuntu yifata imbere y'ibintu bikomeye

bwigisha kwihanganirana no kumva abantu n' ibyo bakeneye

bushyigikira kuvugurura ibintu no gushyiraho ibishya.

Umwanya n'akamaro ko kugira uruhare mu byigwa bituruka mu myigire y'abantu bakuze no mu bushakashatsi bukorwa ku mwarimu uri mu mahugurwa, bishaka kuvugako:

Umuntu mukuru yabitse ibintu bikenewe mu kwiga. Ibyo bishakako habaho uburyo bukoreshwa mu kwiga.

Umuntu mukuru ashaka kumenya vuba. Ibyo yiga rero bigomba gushyirwa mu bikorwa.

Icyigisho umunyeshuri adafitemo uruhare gituma hatabaho gushyira mu bikowra ibyizwe.

Icyigisho gikuriwe n'impaka rusange ntigikunze kugira akamaro cyane; gituma haba urujijo mu banyeshuri.

Byagaragayeko iyo abanyeshuri basabwe kugira ibyo bakora hagati mu mahugurwa, cyangwa iyo basabwe kugeregaza ibyo bize, ibyo bitanga amahirwe menshi yo kufata ibyizwe.

Ibyo abanyeshuri babonye mu mibereho yabo bigomba gukoreshwa kandi bikubakirwaho. Iyo ibyo bititaweho, abanyeshuri ntibashobora gukoresha cyane ibyo bize.

Intego zirebana n'ubumenyi zishaka ibitekerezo bikurikira:

**1. Amakimbirane:** Abanyeshuri bagomba kwiga amakimbirane yabaye mu mateka y'isi n'amakimbirane ariho ubu maze bakagerageza kuyakemura. Bagomba na none gushaka inzira zose zashoboka bakemuramo ayo makimbirane mu mahoro.

**2. Amahoro:** Abanyeshuri bagomba gusuzuma amagambo anyuranye n'ingeri z'amahoro.. Bagomba kwiga abantu, ibyiciro, imiryango ihananira amahoro, harimo n'Umuryangow'Abibumbye n'amashami yawo.

**3. Ubutabera:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo by'ubutabera mu nzego zose: bahereye ku umuntu ku gite cye, ishuri, akarere, igihugu n'isi. Bagomba kwimenyereza kumva impamvu habaho imirwano n'uburyo bwo gushaka amahoro. Bagomba kwiga ibyabaye, ibyiciro n'imiryango iharanira ubutabera n'uburenganzira bw'ikiremwanuntu.

**4. Ubutegets:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo birebana n'ubutegets n'uburyo bugira icyo butwara imibereho y'abaturage. Bagomba kwiga ukuntu abantu n'udutsiko twakoreheje ubutegets mu buzima bwabo n'ukuntu bagana inzira ya demokarasi.

**5. Imihindukire y'imibereho y'abaturage:** Abanyeshuri bagomba kwiga uburyo imibereho y'abaturage ihinduka. Bagomba kumva ukuntu abaturage bagumana ibyo babona ari byiza kandi bagahindura ibyo badashaka.

**6. Igitsina:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo birebana n'ivangura rishingiye ku gitsina. Bagomba kumva uko ibyo bibazo byagiye biza mu mateka y'isi n'ukuntu ivangura rishingiye ku gitsina ridindiza amajyambere y'imibereho myiza, kandi bagomba kwiga icyo bazakora mu gihe kizaza.

**7. Amoko:** Abanyeshuri bagomba kwiga ibibazo birebana n'ivangura rishingiye ku moko. Bagomba kumva uko ibyo bibazo byatangiyeye mu mateka y'isi, kandi bakareba uburyo ivangura ry'amoko rikomeza gukurura inzangano n'imirwano, maze bakiga icya korwa mu gihe kizaza.

## **IKORANABUHANGA**

Uburere bugamije amahoro bugomba guha abanyeshuri ubushobozi mu ibi bikurikira:

**1. Gutekereza neza:** Abanyeshuri bagomba gushobora kumva ibibazo bakoresheje ibitekerezo bizima kandi bagomba kugira ubushake bwo guhindura ibitekerezo mu gihe bibaye ngombwa. Na none bagomba kumenya no kurwanya ibitekerezo bishaje n'ababashuka.

**2. Gufashanya:** Abanyeshuri bagomba kumenya akamaro ko gukorera hamwe kugira ngo bagere ku ntego imwe.

**3. Gushyikirana:** Abanyeshuri bagomba kumenya gushyikirana neza no mu kuri, birinda imirwano ibuzabantu uburenganzira bwabo kandi na none batiyicariye

**4. Gukemura amakimbirane:** Abanyeshuri bagomba gushobora gusesengura amakimbirane mu buryo buhamye kandi bagatanga ibyifuzo by'ukuntu yakemurwa. Aho bishoboka bagomba gutanga ibisubizo byabo ubwa bo.

## **AGACIRO**

Uburere bugamije amahoro bugomba guha umunyeshuri uburyo bwo gusesengura, gusobanura, gutekereza no kwakira ibintu byiza byose:

**1. Kwiyubaha:** Abanyeshuri bagomba kumva agaciro kabo no kugira ishema ry'aho batuye, umuco wabo n'umuryango wabo.

**2. Kubaha abandi:** Abanyeshuri bagomba kumva agaciro k'abandi, cyane cyane agaciro k'abo badahuje akarere, umuco, idini, ishyaka rya politiki, igitsina, ibara, n' ubwoko.

**3. Gufata no kubaha ibidukikije:** Abanyeshuri bagomba kubaha ibidukikije. Bagomba kumenya inshingano zabo ku byerekeye ibidukikije bya hafi. Bagomba na none kumva inshingano abashakanye bafite

**4. Ibitekerezo bizima:** Abanyeshuri bagomba kugira ubushake bwo kumenya inkuru, abantu n'ibibera ku isi, bakoresheje ubwenge bushungura kandi bafite ibitekerezo bizima.

**5. Kugira inshingano:** Abanyeshuri bagomba kumenya amabwiriza ya demokarasi no guharanira ubutabera, umutekano, amahoro mu isi, bahereye iwabo bakageza mu mahanga.



## V. INYIGISHO Z'IGIHUGU

Hari insanganyamatsiko umunanni twateganyije kwigisha mu rwego rw'Uburere Bugamije Amahoro: Kumenya Agaciro Kawe, Kudahutiraho, Gutumanaho, Gufashanya, Gukemura Amakimbirane, Uburenganzira Bw'Umwana n'Inshingano Ze, Urwikekwe, Gufata Ibyemezo

### 1. KUMENYA AGACIRO KAWE

Umuntu uzi agaciro ke kandi akamenya ibintu ashoboye gukora, azarushaho kwita ku inshingano ze, kwiteza imbere we ubwe no guteza imbere igihugu n'abaturage bacyo.

Iyaba twese twasaga rwose, habayeho amakimbirane macye mu buzima bwacu. Ariko buri muntu afite uko yaremwe kumutandukanya n'undi. Ntiturota kimwe, ntitwifuzza bimwe, kandi ntidutekereza kimwe; tuva mu miryango n'amoko atandukanye; twagize imibereho itandukanye; mu buzima dushaka ibintu bitandukanye.

Kubera iryo tandukaniro, birashobokako umuntu ahura n'ibibazo maze akagera ku myanzuro inyuranye. Igihe ibyo bibabye. Urugero:

*Intambara yavutse hagati ya Kayitesi na Kanyana, ubwo Kayitesi yitaga Kanyana "inzimuzi". Kayitesi yarakajwe n'uko Kanyana abwira abandi bakobwa yuko Kayitesi akunda Gasana. Kayitesi yatekerezagako ubwo Kanyana ari inshuti ye, yagombaga kubika "ibanga". Kanyana yaramenyereye kuvuga, nta bwo yigeze agira ibanga. Yatekerejeko bitazababaza Kayitesi.*

Uburyo bumwe bwo gutangira kwigisha kwihanganirana ni ugufasha abanyeshuri bakamenya kwiyubaha kandi bakamenya agaciro kabo. Abana bazi ibyo bashoboye kandi bizeye ubushobozi bwabo ntibazababazwa n'igitekerezo gitandukanye n'icyabo. Kubera ko bizeyeko bashoboye, bazagira amatsiko yo kumenya abandi. Mu gihe amakimbirane azavuka, bazashobora kumva ibyo abandi bavuga nta bwoba bwo guta agaciro.

Mu byigwa biri mu iki gitabo, abanyeshuri bazabona umwanya wo kugwiga byinshi biberekeye, agaciro kabo, ibyobakunda, ibitekerezo, n'ibiyumviro, no kubona itandukaniro iri hagati yabo n'abagenzi babo. Baziga kandi kumenya ibibatandukanya bishobora kubyara amakimbirane.

## **2. KUDAHUTIRAHO**

Abahanga mu byerekeye gukemura amakimbirane bavugako bikomeye gukemura amakimbirane wirengagije ibyifuzo bijyanye n'ingiro. Gukemura amakimbirane biza buhoro buhoro iyo buri wese ushyamiranye amenye ibyoyifuza akanabiganira.

Ni ingenzi na none kumenya uko undi yumva, uhereye ku byo avuga no ku byo agaragarisha ibice by'umubiri nk'intoke n'amaso. Bigira akamaro kandi iyo buri wese agaragajeko yumva abandi. Gukemura amakimbirane bisabako kumenya ibyifuzo, gushobora kubivuga mu magambo no gushobora kumva abandi.

Mu byigwa biri mu iki gitabo, abanyehsuri bazashaka amagambo avuga ibyifuzo. Bazanaboneraho gutekereza ku ibyifuzo bakunze kubona n'ukuntu babimenya igihe bigaragajwe mu magambo n'ibimenyetso.

### **3. GUTUMANAHO**

Kutamenya kumva neza kenshi ni umuzi wo kutumvikana n'amakimbirane. Ni yo mpamvu kwiga kumva neza ari ingenzi.

Gukemura amakimbirane kwose gusaba itumanaho. Ibi ntibishatse kuvugako itumanaho ubwaryo ari intambara. Iyo hari amakimbirane, kenshi ntidukenera gutumanaho cyane; ahubwo dukenera gutumanaho neza. Itumanaho n'inkota ifite ubugi bubiri mu gukemura amakimbirane. Rishobora kugabanya cyangwa kongera amakimbirane bitewe n'ukuntu rikoreshejwe. Kugira ngo umuntu yumve neza iyi nshingano y'uburyo bubiri, ni ngombwa kumva inzira yose yo gutumanaho.

*Kwitegereza*

↓

*Kumva*

↓

*Kuvuga*

↓

*Kohereza no Kwakira*

↓

*Kuyungurura*

↓

*Kumva*

Uko bigaragara rero, igihe umuntu akoresha yigisha uburyo bwo gutumanaho ntikiba gipfuye ubusa, kubera ko ubwo buryo bukoreshwa n'ahandi uretse mu gukemura amakimbirane. Mu byu kuri, ugomba kumenyereza abanyeshuri bawe kugira ingeso nziza zo gutumanaho zigahinduka kamere ya kabiri.

Gutumanaho nabi no kumva nabi n'impamvu ya mbere y'amakimbirane. Kenshi dufata nabi cyangwa twumva nabi ibyo undi yavuze maze tugasubiza dukurikije ibyo twumvise n'ibyo twaketse. Kutamenya gutumanaho neza bishobora kubyara amakimbirane mu gihe abantu badafite urubuga baganiriramo cyangwa bafite ubwoba cyangwa batazi kugaragaza neza ibyo bakeneye n'ibyo bifuzwa. Kudashobora gutegera amatwi icyo undi avuga no kutitegereza na byo bikurura amakimbirane.

Hari uburyo bubiri gutega amatwi bidufasha mu gukemura amakimbirane: kubona inkuru no kurwanya uburakari n'urwagano.

Kenshi abantu batekerezako kumva byoroshye kandi ko atari ngombwa kubishishikarira. Ariko twasanzeko kumva bishobora kuba kimwe mu bice bikomeye byo "Gutumanaho" kigomba kwigwa. Buri wese wahuye ni ikibazo cy'ibihuha azi ukuntu ubutumwa buhinduka bamaze kubwumva no kubusubiramo kenshi. Iyo tudateze amatwi neza, biroroshye guhindura ibyo twumvise kugira ngo tunezeze uburyo bwacu bwo kubona ibintu.

Kumva neza birushaho gukomera mu makimbirane kubera ko bibyutsa ibyifuzo bituma tutita ku byo undi muntu avuga. Iyo umuntu arakaye cyangwa ababaye, nubwo yabazi kwihangana cyane, ashobora kutumva ikibazo cy'undi muntu.

Gushishikarira kumva uvuga bishobora gutuma uburakara bushira kandi inkuru nshya ikaboneka. Ariko hari ibintu bimwe uwumva agomba gukora kugira ngo habeho ubwumvane. Kumva neza ni uburyo bwo gusubiza uvuga, bikaba bishaka kuvugako uwumva agerageza kumva icyo uvuga avuga, yifuza cyangwa akora. Byereka uwumva ko gutumanaho atari inzira imwe kandi ko ibivugwa bikwiye gutegerwa amatwi.

#### **4. GUFASHANYA**

Dukeneye kumenya gufashanya, kugira ubushake bwo gufashanya no gukorera hamwe neza kugira ngo twubake isi y'amahoro kandi irangwa n'ubwihanganirane.

Gufashanya ni ugukorera hamwe mugamije intego zimwe. Mu iki gice tuzaganira ku byerekeye ubufatanye mbere na mbere bujyanye no gukorera mu matsinda, ariko twumveko amatsinda atari byo bivuga ubufatanye. Gufashanya bishobora kuvuga gukorera hamwe mu cyumba; gukorera hamwe mu ishuri abanyeshuri bamwe bari imbere abandi bari inyuma. Abahanga bo mu bihugu byinshi byo ku isi kenshi barafashanya nyamara batarebana cyangwa batavuga ururimi rumwe.

Mu bintu byose bituma ishuri ribamo amahoro, ubufatanye ni bwo bwa mbere. Gukemura amakimbirane, kwihanganirana, imyifatire myiza yo gutumanaho, no kumenya ibyifuzo by'abandi ni igihe abanyeshuri bamenye gukorera hamwe. Ubufatanye na none butuma abantu bumvako bari mu muryango umwe kandi bakagira ibyifuzo byiza.

Irushanwa ni ikintu gihabanye n'ubufatanye. "Irushanwa ribyutsa ishyari kandi rikica ubugwaneza bw'umutima" (Vivekananda). Uburyo bwo gutanga amanota n'irushanwa. Irushanwa rikurura amakimbirane. Uko byaba kose ntibishaka kuvugako irushanwa ari ribi. Amakimbirane ituma umuntu akura mu bitekerezo. Ubwo kandi umuco w'isi n'igihe tugezemo ushingiyeye irushanwa, twizerako abanyeshuri bakeneye kwiga kurushanwa kugira ngo bahangane n'ubuzima.

Kwigira hamwe bivuga gukorera mu matsinda mato ku buryo abanyeshuri bakorera hamwe kugira ngo bese bunguke mu byigwa. Igitekerezo kiroshye. Abanyeshuri bagabanywamo amatsinda mato iyo bamaze guhabwa amabwiriza na mwarimu. Bahabwa umukoro abagize istinda bagomba gukorera hamwe, bakawumva kandi bakabonera igisubizo hamwe. Imbaraga zabo bazihuriza hamwe kugira ngo buri wese ugize itsinda yungukire ku mbaraga zundi (*Nungukira ku gutsinda kwawe no gutsinda kwanjye kukakungukira*). Umuntu akamenyako bese basangiye gupfa no gukira (*Twese turarohama cyangwa se twogere hamwe*), akamenyekako ibyo ageze abikesha mugenzi we (*Ntidushobora kubikora tutagufite*), kandi akumva agize ishema n'ibyishimo by'uko umwe muri bo yagize ibyo ageraho (*Wabonye amanota 10 ku icumi! Ni byiza!*)

## 5. GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Kubana mu mahoro ni ukubanza kumva amakimbirane no kumenya uko bayakemura mu nzira z'amahoro.

Ku buryo bw'umwihariko, amakimbirane agize umugabane umwe w'imibereho ya buri muni. Abanyeshuri bo mu myaka ibanza y'amashuri bapfa ikaramu y'igiti, umupira, umurongo, ibyicar, n'ibindi. Umunyeshuri agirana amakimbirane n'inshuti ze, abo mu muryango we, abo bigana, n'abaturanyi be. Mu gihe amakimbirane menshi bagirana n'abandi adashingiye ku bugome, abana bakeneye kugira ubushobozi bwo gusubiza, kumvikana, guhitamo, gukora no gukemura ibibazo.

Abahanga mu byerekeye ubumenyi bw'abana bavugako abana bazi bike ku byerekeye ukuntu amahoro ashakwa ni ukuntu amakimbirane akemurwa muri rusange. Nubwo abana benshi baganira ibyerekeye ubwoba n'iterabwoba rivugwa ku isi, abana bazi bike ku byerekeye ukuntu amahoro agerwaho n' ukuntu amakimbirane ku isi ashobora gukemurwa. Abana bakeneye kumenya ukuntu amakimbirane aza n'impamvu abaho n'ukuntu yakemurwa, ubushobozi buhagije kugira ngo buzuzwe inshingano zabo, n'imyifatire bagira mu kwitangira amahoro, ubutabera n'imibereho itarimo ubusumbane. Ni ngombwa kumvako mu burezi amahoro agomba kwigishwa, maze umwana agahabwa ubumenyi, ubushobozi n'imyifatire bimuganisha ku mahoro, kandi umwana akagira uruhare mu gushakira isi yacu amahoro.

Iyo ubajije abanyeshuri icyo batekereza iyo bumvise ijamba "amakimbirane", bavuga kenshi ko ari "uburakari", "urwangano", "imirwano", "ubushyamirane". Abantu benshi bumva amakimbirane nabi, bakavugako ari mabi, ateza umubabaro, abuza amahoro, atera ubwoba, n'imibanire itameze neza. Turatekerezako ingaruka y'amakimbirane ku muntu umwe iba "gutsinda", ku wundi ikaba "gutsindwa", cyangwa se, kuri bombi ari ukugira icyo bareka kugira ngo bumvikane.

Uburere Bugamije Amahoro bubona amakimbirane mu buryo butandukanye n'ubusanzwe mu muco w'abantu. Amakimbirane ashobora kuvamo ibyiza. Iyo amakimbirane akoreshejwe mu buryo bwiza, agira ibyiza byinshi. Adufasha:

- . Kwiga uburyo bushya kandi bwiza bwo gusubiza ibibazo;
- . Kushimangira imishyikirano izaramba;
- . Kwiga uko duteye n'uko abandi bateye.

Ikintu kiva mu makimbirane n'ingaruka y'ubutumwa twahawe n'ababyeyi bacu, bagenzi bacu, umuco wacu, idini yacu, n'itangazamakuru, ryo rikaba ridufiteho uruhare runini. Ni kangahe se twumise ngo:

***"Umuntu nakumena ijisho nawe umumene irindi."***

***"Niba ushaka amahoro, tegura intambara"***

***"Ingoma idahora ni igicuma"***

***"Abakobwa beza ntibarwana"***

## **6. UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'UMWANA**

***“Hatabayeho ubutabera, ijambo “amahoro” ryakomeza kuba ryiza ariko ririmo ubusa.”***

(Dom Helder Camara, Brésil)

***“Niba dushaka amahoro nyayo mu iyi si...dukwiye gutangira kuyigisha abana.”***  
(Mahatma Gandhi, India)

Abanyeshuri bakeneye kumva amabwiriza yanditse mu Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye Areba Uburenganzira bw'Umwana no kumvako yandikiwe kurinda no guteza imbere umwana.

Abantu bose bizerako abana babo bazakura kandi bakaba abaturage beza bazakorera igihugu cyabo. Nyamara mu bihugu byinshi abana ntibahabwa uburenganzira bwabo buzabashoboza kubaho, gukura neza no gukorera igihugu cyabo.

Mu bihugu byinshi byateye imbere, abana benshi bahura n'ibintu byinshi byangiza ubuzima bwabo: imirwano, bacuruza ibiyobyabwenge, ubusambanyi no gufatwa nabi. Bakora amasaha bataruhuka bikabononera ubuzima.

Miriyoni nyinshi z'abana iyo zitangiye ishuri zishoka zireka kwiga. Ndetse no mu bihugu byakira abana benshi mu ishuri, abana bavuka mu miryango igizwe n'abantu bacye, nko mu by'ubwoko cyangwa ururimi, abakobwa n'abana bamugaye basanga amahirwe yabo yo kwiga afite inzitizi.

Abana benshi bicwa n'indwara zishobora kwirindwa. Imirire mibi kugeza ubu ntiyari yabonerwa umuti; amazi meza n'isuku aho abantu batuye ntibyitabwaho cyane. Mu bihugu byateye imbere ndetse n'ibikiri mu nzira y'amajyambere, batangiye kubonako, ariko batazi uburemere bw'ububi bwa byo, imyuka ihumanya iri mu bidukikije yangiza ubuzima bw'abana.

## **7.URWIKWE**

Mbere y'uko bagira imyaka ibiri abana baba bazi itandukaniro hagati y'amoko. Iyo bageze mu kigero cy'imyaka itatu bashobora kushyira agaciro ku iryo tandukaniro. Hagati y'imyaka ine n'itandatu, bagaragaza imyifatire ishingiyeye ku gitsina, bakaba baheza ndetse abandi bana batandukanye n'abo ku by'amoko cyangwa umubiri. Imyifatire y'abo mu muryango ni iyo igira icyo ihinduraho umwana mbere na mbere. Nyuma abana bagasoma ibitabo bibashyiramo ibitekerezo bishingiye ku moko.



**Projet d'intégration du Cours d'Education à la Paix à l'école primaire**

	1ère année	2ème année	3ème année	4ème année	5ème année	6ème année
1*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs
2*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs
3*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs
4*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs
5*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs
6*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs
7*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs

8*	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités	situation contexte+ 4 activités, 2 textes courts	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs	situation contexte+ 8 activités, 2 textes longs
----	---------------------------------------	---------------------------------------	--	---	---	---

\* Il y a 8 thèmes: Connaissance de soi, Maîtrise des émotions, Coopération, Communication, Résolution des conflits, Droits et Devoirs de l'enfant, Stéréotypes et Préjugés, Prise de décision.

- 1) L'année scolaire compte 33 semaines.
- 2) Chaque thème couvrera 4 semaines pour chaque année d'études.
- 3) Pour les 1ères et 2èmes années où l'on ne maîtrise pas encore la lecture, il faudrait une situation contexte + 4 activités par thème.
- 4) Pour les classes de 3ème jusqu'en 6ème, une situation contexte, 2 textes de lecture pour chaque thème. Chaque texte ou outil didactique est à étudier dans deux semaines. 8 activités par thème, c.à.d 2 activités par semaine pour le 2ème cycle.
- 5) Le cours dure 1h par semaine, c.à.d celui qui était réservé à l'Education Civique.
- 6) Il faudrait que chaque classe de la 3ème à la 6ème ait un livre de lecture comprenant toute la thématique à son niveau.
- 7) En tout 32 semaines et 1 semaine de révision.
- 8) Signature d'une convention entre UNICEF et MINEPRISEC, MINESUPRES pour le projet Education à la Paix.

## **VI. UBURYO BUSHYA BWO KWIGA NO KWIGISHA**

Uburyo bushya bwo kwiga burangwa no gukoresha ibyigisho byinshi (indimi, uburere mboneragihugu, gushushanya, imibare, ubumenyi bw'ibidukikije,...) no kugira uruhare mu byigwa ni ubuhanga bukoreshajwe mu iki **Gitabo cy'Umwarimu** bushobora kuba ari bushya ku bazagikoresha.

**Kwiga wifashishije ibyigisho byinshi** bivuga gukoresha ibyigisho bimwe biri mu nteganyanyigisho y'amashuri.

**Uburyo butuma umunyeshuri agira uruhare mu byigwa** ni bwiza kubera ko butuma amagambo avuga ibintu bidafatika (amahoro, uburakari, ubutabera, ...) arushaho kumvikana neza. Ubwo buryo butuma ibibazo byinshi byumvikana. Bimwe mu bigize ubwo buryo bwakoreshejwe mu iki gitabo cy'umwarimu n'ibi bikurikira:

***Kujya impaka mu matsinda:*** abanyeshuri bashakira hamwe ibisubizo ku byo babajijwe. Bagomba kujya impaka kuri buri gitekerezo gitanzwe mbere yo kwemeza igisubizo. Iyo bavuye mu matsinda bashyira hamwe ibyo bagezeho, noneho hakavamo ibisubizo byiza ishuri ryose ryemeje cyangwa ryagiyeho impaka. Nubwo ari ingenzi ko ishuri ryose rijya impaka, amatsinda mato atuma buri munyeshuri ashaka igisubizo kandi akagira uruhare mu byigwa. Igihe abanyeshuri bumva ibitekerezo by'abandi, bibafasha kurushaho gusobanukirwa n'ibitekerezo bya bo, imyifatire n'agaciro bafite. Ibiterekerezo bikurikira bizafasha umwarimu gukoresha amatsinda mu ishuri:

- a. Abanyeshuri bakore amatsinda ya 6-8 (bikurikije umubare w'abanyeshuri, urugero: 40) kugira ngo buri wese agire icyo avuga.
- b. Abanyeshuri bicare bazengurutse ameza cyangwa bakore uruziga kugira ngo buri wese aze kugira icyo akora.
- c. Buri tsinda ryitoramo umuvugizi uza kubwira ishuri ryose ingingo z'ingenzi bajyiyeho impaka.
- d. Amatsinda agomba kubwirwa icyo bajyaho impaka.
- e. Umwarimu ahe abanyeshuri ibibazo bibayobora mu mpaka, niba ari ngombwa.
- f. Keretse bakeneye ubufasha cyangwa inama, ubundi si ngombwa kurogoya abajya impaka.
- g. Igihe amatsinda yabonye umwanya uhagije wo kujya impaka, umwarimu abwire umwe mu bagize itsinda avuge muri macye ibyo bagezeho.
- h. Umwarimu akore urutonde rw'imyanzuro.
- i. Umwarimu n'abanyeshuri bajye impaka ku ngingo z'ingenzi maze batange imyanzuro iheruka.

***Gutanga ibitekerezo byinshi:*** ni intambwe ya mbere mu gushaka ibisubizo by'ikibazo. Ubu buryo butuma ubwonko bushakashaka ibisubizo kandi bugatanga inzira nyinshi ibisubizo byabonekamo. Igihe ibi bikorwa, abanyeshuri basabwa gutanga gusa ibitekerezo byinshi. Ibiterekerezo byabo byose birandikwa kandi ntihagire ibyemezo bifatwa mw'uru rwego.

Igihe urutonde rw'ibitekerezo rwakozwe, abanyeshuri basubira mu bitekerezo batanze kandi bakavanamo ibidafite akamaro, maze bakemeza ibisubizo by'ingenzi.

**Ikinamico:** ryongera ubushobozi bw'umunyeshuri mu kureba kure, gushaka ibisubizo no gukemura amakimbirane. Ikina mico ntirigomba gutwara igihe kinini. Abarimu bagomba kwita ku ibi bikurikira igihe bategurira abanyeshuri ikina mico:

- **Kuvuga neza ahantu umukino ubera n'abakinnyi bawugize.**

- **Gusaba ababishaka akaba ari bo baza gukina.**

- **Kwitegura:** buri munyeshuri ufite uruhare mu mukino agomba guhabwa iminota ibiri cyangwa itatu yo gutekereza ku nshingano ze. Kwitegura ntibigomba gutwara umwanya munini.

- **Mu gihe cyo gukina:** umwarimu yandike igikorwa cyose gishobora gutuma umukino ugenda neza, n'impamvu intego yagezweho cyangwa itagezweho. Abanyeshuri n'abo barebera umukino bandike ibyo babonye ku mukino. Umwarimu abwire abanyeshuri ko batagomba kurangaza abakina.

- **Kurangiza umukino:** umwarimu ahagarike umukino igihe igisubizo kibonetse, igihe umukino ugenda buhoro, cyangwa niba gukomeza gukina bikomereye abanyeshuri. Umwarimu ahe abakinnyi igihe cyo kuruhuka no kugurana imyanya.

**Impaka:** umwarimu abwire abakinnyi batange ibitekerezo byabo. Abafashe kujya impaka ku byo bakoze, uko bumvaga bameze mu gihe umukino wakinwaga, icyo batekereza kuri buri gikorwa, uko bishimye umukino urangiye. Indorerenzi zitange ibitekerezo byazo cyangwa zivuge ubundi buryo umukino washoboraga kuba wakinwe.

**Ikinamico** rishobora gukoreshwa abantu bashaka ibisubizo byihutirwa mu gihe abantu bashyamiranye mu ako kanya. Urugero: Niba abanyeshuri babiri barimo barwanira isakoshi y'ibitabo buri wese atekerezako ari ye, umwarimu ababwire bahagarike kurwana bakore ikintu kinyuranye n'icyo bakoraga. Kimwe mu byo bakora ni ukureba mu isakoshi. Bongere bigane ayo makimbirane maze baganire ku bisubizo bitandukanye.

## **UKO IKI GITABO GIKORESHWA**

**Turerere u Rwanda rw'Amahoro** si icyigisho gishya kigomba kwinjizwa mu nteganyanyigisho cyangwa ku ngengabihe y'amashuri abanza isanzwe ifite ibyigisho byinshi, ahubwo ni programu igomba kwinjizwa mu byigisho bisanzwe: indimi, imibare, ubumenyi bw'isi, ...Ku banyeshuri bo mu cyiciro cya 1, iyi programu yarikwiye kwigishwa mu gihe cyo kwigisha indimi, ku banyeshuri bo mu cyiciro cya 2, ikwiye kwigishwa mu inyigisho y'uburere mboneragihugu.

Muri buri gice cyangwa insanganyamatsiko y'iki Gitabo cy'Umwarimu harimo amagambo y'ingenzi umwarimu azajya akoresha asobanurira abanyeshuri n'impamvu ayo magambo ari ingenzi mu Burere Bugamije Amahoro. Amagambo abanza kuri buri gice akurikirwa n'ibygwa. Ibyigwa bimwe byagenewe imyaka imwe cyangwa ibyiciro bimwe. Nyamara abanyeshuri bari mu cyiciro kimwe bashobora kutagira ubushobozi bumwe bwo gutumanaho no gukemura amakimbirane. Umwarimu akwiye kumenya ubushobozi bw'abanyeshuri be mu guhitamo icyigwa.

Umwarimu azifashisha iki gitabo kugira ngo amenyereze abanyeshuri ibintu byose byabafasha kugera ku mahoro nya kuri. Hariho ingingo esheshatu zizigishwa ziboneka mu iki Gitabo cy'Umwarimu: kumenya agaciro kawe, kudahutiraho, gutumanaho, gufashanya, gukemura amakimbirane, n'uburenganzira n'inshingano by'umwana. Izi ngingo zigomba kwigishwa uko zikurikirana mu iki Gitabo cy'Umwarimu.

Ibyigwa byateganyijwe mu iki gitabo bishobora kwigishwa mu nyigisho z'indimi (igifaransa, ikinyarwanda, icyongereza), uburere mboneragihugu, ubumenyi bw'ibidukikije, ... Mu gihe cyo kwigisha ubumenyi bw'isi, umwarimu ashobora kwifashisha iki gitabo, agakoresha ingingo ivuga ibyo gufashanya (urugero: 'Ibyo Turya Biva he?'). Iki cyigwa cyigisha abanyeshuri kumenyako abantu, uturere, ibihugu, ari magirirane. Kuberako intego rusange ya '**Turerere u Rwanda rw'Amahoro**' ari ugucengeza amahoro mu mibereho y'abanyeshuri, ibyigwa byinshi bikwiye kwigishwa mu gihe cy'inyigisho y'uburere mboneragihugu. Na none mu gihe umwarimu yigisha ururimi, ashobora kwifashisha uburyo bwo kujya impaka (abanyeshuri bari mu matsinda cyangwa bayavuyemo), ikinamico no gutanga ibitekerezo byinshi.

Ibyigwa byateganyijwe biri mu bice 6 bijyanye n'ingingo zavuzwe haruguru aha, bizigishwa umwarimu akurikiza ibi bikurikira:

- **Intego:** Zigaragaza ubumenyi, ubushobozi n'imyifatire umunyeshuri agomba kugira mu gihe icyigwa cyigishwa.
- **Icyiciro cy'amashuri:** Ibyigwa byateganyirijwe abanyeshuri bo mu byiciro bibiri:
  - Icyiciro cya 1: Umwaka wa 1-3
  - Icyiciro cya 2: Umwaka wa 4-6
- **Imfashanyigisho:** Ibikoresho bizafasha mu kwigisha icyigwa.
- **Uko byigishwa:** Ni uburyo bukurikizwa kugira ngo icyigwa cyigishwe. Ibyigwa byinshi bishobora kwigishwa mu minota 30. Ariko umwarimu agomba kureba uko icyigwa kireshya akacyigisha mu gihe gikwiye.

Abarimu basabwe gukoresha ubuhanga bwabo mu gukoresha iki gitabo kugira ngo kigendane nuko ishuri rimeze. Kwigisha no kwiga iyi programu bizashimisha umwarimu n'umunyeshuri mu gihe bombi bazafatanyaga gushyira mu bikorwa uburyo bwateganyijwe bwo kwigisha buri mu iki gitabo.

## **VII.UBURYO BWO GUSUZUMA**

Ibikoresho by'isuzuma byakoreshejwe mu nyigisho zigamije amahoro birimo:

ibibazo bibazwa abanyeshuri, abarimu n'abahugura abandi: ibiganiro byagenewe umuntu; ni isuzuma rikorwanye kwitegereza. Eg. Kwitegereza uko umwarimu ayobora isomo rivaze.

Ibibazo by'isuzuma bishobora kubazwa birimo ibirebana n'uburyo umuntu akoresha asuzuma n'ibirebana n'ingaruka cyangwa ibisubizo ubaza ashaka kugeraho:

**Ibibazo by'isuzuma birebana n'uburyo bwo kugira urugahaqii:**

Mbese integanyanyigisho zirashyirwa mu bikorwa nk'uko byateganyijwe?

Mbese integanyanyigisho zikwiranye n'inzego z'ubutegetsi, ubukungu n'umuco?

Mbese abarimu, abahugura abandi n'urubwiruko bumva bate integanyanyigisho zo kuvugurura imyifatire?

Mbese ababyeyi n'abayobozi bumva bate integanyanyigisho?

Mbese imfashanyigisho n'amahugurwa bifite akamaro?

Mbese abakoresha (abahugura abandi, abarimu n'abanyeshuri ubwabo) integanyanyigisho n'ibitekerezo bijyanye n'azo barabyumva hakurikijwe ururimi bakoresha cyangwa ubushobozi bafite mu mfashanyigisho zihari?

Ni akahe kamaro integanyanyigisho zifite ku birebana n'amoko ari mu gihugu?

Mbese abanyeshuri bishimiye uburyo bwo guhindura imyifatire?

Mbese integanyanyigisho zinyuze uzikoresha?

**Isuzuma rigamije ingaruka cyangwa ibisubizo**

Mbese integanyanyigisho igera ku ntego?

- Mbese abanyeshuri bariga uburyo bwo guhindura imyifatire?
- Mbese hari imihindukire mu mico no mu myifatire?
- Mbese hari imihindukire mu bitekerezo: kumenya agaciro kawo no kwizera ubushobozi bwawe?
- Mbese integanyanyigisho zirwanya amahane?

Mbese integanyanyigisho hari ibindi zishobora guhindura? Uretse ibyiza by'uburyo bwo

guhindura imyifatire, guteza imbere ubushobozi, no kwirinda ibibazo birebana n'imyifatire, hari ibindi byiza by'ubu buryo:

- Kongera imishyikirano hagati y'umwarimu n'umunyeshuri
- Kongera ubushobozi bwo kwiga
- Kugabanya umubare w'abanyeshuri bareka ishuri
- Kongera imishyikirano hagati y'ishuri n'umuryango umwana avukamo

### Urupapuro rw'Isuzuma

Shyira mu ruziga umubare umwe kuri buri kibazo

1. Mbese amahugurwa yarashimishije cyane? 5	<i>cyane</i>	<i>gahoro</i>		<i>gahoro</i>	<i>cyane</i>
	4	3	2	1	
2. Mbese amahugurwa afite agaciro?	5	4	3	2	1

Subiza mu magambo yawe.

3. Ni ikihe gice cy'amahugurwa cyagushimishije, kubera iki?
4. Ni ikihe gice cy'amahugurwa cyitagushimishije, kubera iki?
5. Ni iki wumva ujyanye kizakugirira akamaro?
6. Ni iki gikenewe mu mahugurwa ataha?

## **VIII. IBINDI BYO KUZIRIKANWA**

1. Kimwe mu bituma iyi gahunda itajya mu bikorwa vuba ni ukubura abarimyu bahuguwe kuigira ngo bigishe inyigisho z'uburere bugamije amahoro. Abarimu ntibakeneye kwiga gusa icyigisho gishya ahubwo bakeneye no kwiga uburyo bushya, byombi byaganiriweho haruguru. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Bana (UNICEF) ryiteguye gushyigikira amahugurwa y'abarimu bazahugura abandi n'abandi barimu, na gahunda yo guhugura abarimu.

2. Indi mpamvu iyi gahunda itihuta ni ukubura ibitabo n'ibikoresho birebana n'inyigisho z'uburere bugamije amahoro zagenewe buri mwaka w'amashuri. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Bana (UNICEF) ryiteguye gushyigikira ishyingirwaho ry'Ishami ry'Uburere Bugamije Amahoro mu Biro by'Integanyanyigisho (Bureau Pédagogique) rizajya ryandika kandi rigasohora ibitabo.

3. Na none Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Bana (UNICEF) ryiteguye gushyigikira urugendoshuri rw'abakozi ba Leta bazajya muri Afurika y'Epfo, Bostwana, na Zimbabwe kureba ukuntu bakoresheje kandi bagashyira inyigisho zisa n'iz'uburere bugamije amahoro mu nteganyanyigisho.

\* Amashuri menshi yo muri Afurika y'Epfo areba uburezi yakoresheje gahunda yo muri Amerika y'uburere bugamije amahoro yagenewe ingimbi kuva muri Werurwe 1994.

\* Igihugu cya Zimbabwe cyashyizeho Gahunda yo Kwigisha ibya Sida, ishingiye ku guhindura imyifatire byigishwa mu nyigisho z'uburere bugamije amahoro, kuva muri Mutarama 1994. Gutoranya abana bo mu kigero cy'imyaka 9-18 bakigishwa iyo gahunda, ni itegeko rigomba gukurikizwa mu nteganyanyigisho y'amashuri maze ikagira igihe cyihariye.

\* Igihugu cya Botswana cyakoresheje gahunda y'abanyamerika yo guhindura imyifatire, nayo yibanda ku buryo bwigishwa mu burere bugamije amahoro, ikoreshwa n'abanyeshuri bari hagati y'imyaka 6-12.

4. Niba Ministeri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yemeye gushyira uburere bugamije amahoro mu nteganyanyigisho, Igitabo cy'Umwarimu cy'Uburere Bugamije Amahoro cyanditswe na UNICEF, igishije inama MINEPRISEC na MINESUPRES, gishobora gukoreshwa mu mashuri yatoranijwe mu gihe igitabo cya buri mwaka w'ishuri kirimo cyandikwa.

Igitabo cy'Umwarimu cyo mu mashuri abanza giha amahirwe abarimu n'abanyeshuri yo kwimenyereza inyigisho z'uburere bugamije amahoro no kwiga mu uburyo bushya aho umunyeshuri agira uruhare mu byigwa. Ntabwo cyanditswe nk'aho ari igitabo kirimo inyigisho zuzuye zizakoreshwa mu masomo y'uburere bugamije amahoro zizashyirwa mu nteganyanyigisho y'amashuri abanza. Ahubwo n'igitabo kigeragezwa kizakoreshwa inyigisho y'uburere bugamije amahoro iramutse yinjijwe mu nteganyanyigisho. Mu iki Gitabo cy'Umwarimu, ku rupapuro rwa nyuma, hari ukuntu ibyigwa byagabanijwemo kuri buri mwaka.



~~VII~~ IX  
**Aho Byavuye**

1. Richard Howitt & Frank Hutchinson. *Educating For Peace in Primary Schools*. NSW Department of Education, Sydney, 1985.
2. Mastellone Flavia. *Finding Peace Through Conflict: Teaching Skills For Resolving Conflicts and Building Peace*. Mass. NAME, 1993.
3. Ministry of Education and Culture. *Let's Talk ! An AIDS Action Programme for Schools*. Harare, Zimbabwe: UNICEF, 1995.
4. *Life Skills Education in Schools*. Geneva: WHO, 1994
5. Fountain, Susan. *Education for Development*. London: Hodder & Stoughton, 1995.
6. \_\_\_\_\_ . *Education for Conflict Resolution: A Training Manual*, New York: UNICEF, 1995
7. Kreidler, William J. *Creative Conflict Resolution*. Glenview, Ill.: Scott, Foresman, 1984.

EDW / repw le 25 / 06 / 96

KUMENYA AGACIRO KAWE.

ABAKINNYI: Bwenge-Nzikoga.

Bwenge: Izina ni ryo muntu, genda Nzikoga uzi koga uzi ko nari ndohanye neza .  
 -Nzikoga: Nona se bizamarira iki, ko usanga imuhira bantuka ngo mpora mba uwanyuma.  
 -Bwenge: Ntukibabe Nziko, biterwa n'uko badasobanukiye, bitunze kandi neza barize?  
 Cyangwa bo uretse ko tutababwirira buriya ntiwasanga nabo byari uko uretse  
 ko bitwaza ngo ni uko babahatiraga kuragira inkafu  
 Ese, reka nkubaze: nk, ubu tudahinze abanyamugi babaho bate?

Nzikoga: Ariko ngusetsa, ufite amafaranga se yabura iki?

-Bwenge: Reka nkubwire indi nkuru kandi twizwe: Mbere y'uko amafaranga aza, uwabaga afite amatu ngo yajyaga kubadika ibiyakomokaho n, uwabaga afite imyaka. ubwo ni nde wari gutinyuka kwirata ku wundi?

NZIKOGA: Ariko nawe koko Bwenge uribuka, uzi ko ibyo ubivuze nkunva ari nk, inzozu. Gusa simbona aho bihuriye n, ibyanjye.

Bwenge: Aho nashakaga kukumwisha ko mu buzima buri wese afite icyo ashobora gukora nk, uko nawe ubushoboye siporo kurusha ubwenge bwo mu ishuri kandi bikaba byagutunga. Ngirango ujya wumva kuri radiyo ibihangange nka ba Roger Mila, Pele N, abandi... (Roger)

Nzikoga: Ariko KOKO, Bwe, reka nanjye nzihate siporo ninshaka nzatahire kuvugwa kuri radiyo

Bwenge: Nyamara mu buzima abantu ntibahuza impano, kandi aho kubatanyanga baruzuzanya. nk, uko wabingaragariye, bityo nanjye icyo neza nshobora kuyikwita mu buryo bwange maze twembi tukishima.

ABAKINNYI: IKIRANGAMUTIMA

GAKURU na GATOYA.

-GATOYA: Iyo Ayiyoo Dore imyenda mishya mama yanguriye.

-GAKURU: Ukomeje kunvirataho se sinabitwika cyangwa nkabita mu musarane maze n, ubundi nshatse no kuvoma nabireka.

-GATOYA: Mama akagukubita wowe se ko ubushize bakuguriye ko ntigeze mbabara? GAKURU: Ni uko ntigeze nkwirataho kandi mama akaba yarakubwiye ko azakurira none ngo jyewe ndakubitwa.

-GATOYA: Ngaho ntuyice sinongera kugukoba kandi ntundage batayinyambira ahubwo ndagufasha kumvisha mama ko nawe iyawe ishaje. Si byo se?

GAKURU: Ntiwongere, ariko kandi uzabe uretse no kuyambaza maze nibangurira tuzaya mbarire rimwe nyirabunja yabatijwe si byo se? Niba ubyameye reka tujye kuvoma mama ataza agasanga nta mazi akadukubita.

UNICEF KIGALI	
Référence :	Date arrivée : <b>Reçu le 25 JUIN 1996</b>
Pour suite à donner :	<b>Educato</b>
A suivre :	
Pour information :	
A faire circuler :	
Classement :	

THEME :3-4

- NAMUGABUMWE:** A riko koko Nzitunga, ntumera akamaro k'amashyirahamwe, Nzitunga: NAZE, nta mwana ndiza, inda yanjye n, umugore wanjye ntizizananira. Si ugusehera abo bakungu muzamenya n, aho byaririve? **NAMUGABUMWE:** Uretse ga n, ib, ubukungu, guhura n, abandi bigusigira inama nziza, kumenyana, dore ko ubuhahirane n, utundi turere bitugezaho ibyo tutejeje tukabihahira ha fi kandi bihendutse.
- NZITUNGA:** Ibyo nanze rero ni ibyo, ko muhaha se nanjye ngahaha ubwo kandi mundushije iki? **NAMUGABUMWE:** Umva rero Nzitunga ibyiza byaho ntubibwirwaga, enda genda uzambwira. Kandi n, aba sokuruza barabivuze ngo "Ntamugabo umwe ...." kuko burya ngo agerwa kurinyina.
- NZITUNGA:** Reka ukubwire Ntamugabumwe, iyo riba iry, abanywi nta gihe cyawe uba watayen, ubwo naho uhatakariza aya umutungo cyangwa ubuzima, naho ubundi sinkubeshye ni ho nabonye haba ikiganiro kandi benshi bagashyikiranan, ubwo nta byera ngo da.
- NAMUGABUMWE:** Reka nawe urwo ni urwenya, n, ubwo ibyiza n, ibibi bigendana kandi ngo nta mwi-za wabuze inenge, amashyirahamwe nakubwiye yego arinda ubwigungenyamara ariko hirya y, ibyo ntawakwirengagiza ko umurimo ukorewe hamwe ukorwa vuba kandi neza kuko abawukora bibukiranya bakuzuzanya.
- NZITUNGA:** Umva Ntamugabumwe wanyigishije, kandi ntabwo wataga inyuma ya Huye, ngaho genda nda byibazaho, ahari koko byandinda, guhura ntekereza ukuntu bite ibintu abura urubyaroyamara tworotise akabura icyo abana. Oya rwose mwuye ku k, ejo burya ubwenge bw, umwe burayobera."

THEME :5

- UWUHOREYE:** Ubona Semahane ngo ankubitire umwana, kandi kwihanira bibujijwe, ese iye uwamwihorera tukazarebana.... Yewe oya naba ngiyeye kumera nka we reka njye kubitekerereza Nyumbakumi.
- NYUMBAKUMI:** Bite Uwuhoreye ko uzindutse ni amahoro?
- UWUHOREYE:** Reka ngo so ntakwanga akwita nabi, Semahane yatumaze, yaraye ankubitiye umwana ngo yohesheje kandi mutubwira ko ntawugomba kwihanira kandi ntiyabikoze byo guhana ahubwo we byari nko kwica kandi nawe urabyibonera.
- NYUMBAKUMI:** Ni byiza ko utamuteye ngo musakabake kuko wari gusanga ugiye kuba nyamwongera-bibi, none reka tujye kumureba yenda ahari ariye impamvu.
- SEMAHANE:** Dore kandi ibyo mba nanga Uwuhoreye arashaka iki n, agasuzuguro ke? Ubwo ari jwewe ubwo ndabizi, ubwo rwaciwe rutaraburanwa abantu benshi baranzira
- NYUMBAKUMI:** Semahane cisha make, icyo ushaka kuvuga ndacyumva uraregwa ko utaturegera ukihanira.
- SEMAHANE:** Erega nawe nyumbakumi, ubibonye, wakumirwa uretse byatewe n, umujinya, icyo cyaha nkaba nkemera kandi nkanagisabira imbabazi; n, ubwo nemeza ko agomba kundira.
- NYUMBAKUMI:** Nowe se Uwuhoreye urabyumva ute niba koko atari agasanzwe?
- UWUHOREYE:** Yego koko narakosheje kandi ngo umubyezi acumura yicaye, nyamara ariko si ubushake cg agasuzuguro nk, uko abivugaga; icyo nzi ni uko ntacyo twapfaga, kumuriha si mbyanze ariko ashatse yambabarira kuko nanjye nihanganye kandi ngo akebo kajya iwa Mugarura.
- NYUMBAKUMI:** Ngaho Semahane tubwire, kandi mube abagabo ntimuburane nk, abana, wumvise Uwuhoreye none tanga umwanzuro n, ubwo ngo ahari abagabo hadapira abandi.
- SEMAHANE:** icyo nzi n, uko ntacyo twapfaga byavuzwe, none singiye kuruhanya, kandi ngo "izibana ntizibura gukomanya amahembe, yambabariye ku cyaha cyanjye none nanjye ndazimuhaye, ba data barabanye ntimurebe ngo ndi Semahane siko biteye n, ubwo ngo nta mugabo utihagararaho.
- NYUMBAKUMI:** Ni byiza ko mutanduhije muri abagabo koko ndabibonye, ahari abantu hanuka uruntu-runtu ariko nizeye ko nta nzika, mumenyere kandi ko mugomba kuganira ku bibazo mutagombye kwihira rubanda. Murakoze.

KINNYI: -Ababyeyi: NANGAMABWIRE  
 NYIRARENZAHU  
 -UMUJYANAMA W,UBUZIMA.  
 -UMUPFUMU.

NYIRWRENZAHU: Ese mama uyu mwana ko yanga akarembe, n, uko se ntakimujyana ku kigo ndera buzima, oya ariko ndabizi neza uyu mwana yararozwe, ndetse reka nza jye kwibariza.

NANGAMABWIRE: Uti ngo iki Nyiranzaho ko nakumvise? Yampaye inka Rutabikangwa, ubage wifashe, ubwo ga urashaka ko badufungira amasakaramentu. Dore enda subira ku kigo nderabuzima naho ni ugutayanjwa.

UMUPFUMU: Yoo mwaba injiji mwaba abanzi b, ubura bwanyu. Hwo kandi mwicaye aho ngo aha ni bwaki dore ko abazungu babatwaye umutima, endi a nimuce aha mbahe umuti naho ubundi muraridaze.

N. RENZAHU: Oya nanjye ndabyibonera, ureke Nangamabwire utajya yemera uboshye Tomasi bajya batubwira, ko ngo ari wemeye ari uko abonye.

UMUPFUMU: Niba atabyemera reka nigendere kandi uzasanga mwibuka ibitereko zasheshe. Ngaho ndagiye nzaba mbyumva ariko kandi nimwiyumvisha ntimuzategereze kuzana intere.

NANGAMABWIRE: Ngaho genda jya kureba abandi, ngo iby, abasinziye birya abakanuye.

N. RENZAHU: Nanngamabwire koko urabyanze, ngo uzagende ku bukilisiya?

UMUJYANAMA: Muraho, ese ko numva mutongana ni amahoro?

NANGAMABWIRE: Reka dore udusanze mu by, uwo mwana kandi akiza iwanyu yari akomeye none Nyirarenzaho ngo ni amarozi.

UMUJYANAMA: Ibyo se kandi bije bite, Nyirarenzaho ko twamweraga ndetse nawe twari hafi kumutorera kuyobora uyu murenge mu bukangurambaga b, ubuzima.

N. RENZAHU: Ariko niba muvura wambwira wa mwana wo kwa Mugigwanama yarahakiriye?

UMUJYANAMA: Yoo, ahubwo urankoreye kuba unyibukije iyo nkuru nziza uzi ko ahubwo babonye n, igihembo cy, abitabiriye gushyira mu bikwa inama zacu.

N. RENZAHU: Hogi genda nzajyaye ejo, ninsanga koko atari impuha uzabona ngarutse kuko nambere yose bishobora kuba ari uko nakunze imirimonkibagirwa ina ma nziza mutugirirwe. Yewe mvuye ku k, ejo inkoko ni yo ngoma.

NANGAMABWIRE: Hogi genda urakoze kuba umfashije Nyirarenzaho, uretse ko nawe namushimira kuba yumvise inama zawe.

NDAYISENGA MANASSE A.P MUYIRA. BUTARE.

Ge 05/06/1996.